# Imvaho Nshya


Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-72 TARIKI 1 - 7 NZERI 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw





AMAKURU
Perezida Kagame yagaragaje igisubizo ku rubyiruko rufite imishinga rutagira igishoro



5

AMAKURU
Kwita Izina bitwibutsa umutungo kamere twahawe - Minisitiri w'Intebe



2

AMAKURU
Abahinzi bato basaga ibihumbi 35 bagiye guhabwa inkunga y'asaga miliyari 30 Frw



6

MU NTARA
Kirehe: Abagore bakora uburobyi bahamya ko bwabateje imbere



12


# Perezida Kagame yagiranye ibiganiro bigamije imikoranire n'Umwami wa Oman



Perezida Paul Kagame ari muri Oman mu ruzinduko rw'akazi rw'iminsi 2

KAMALIZA Agnes

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, yageze i Salalah mu Murwa Mukuru wa Oman, aho yakiriwe n'Umwami w'Ubwami bwa Oman, Sultan Haitham bin Tariq, bagirana ibiganiro bigamije kurushaho guteza imbere umubano hagati y'u Rwanda na Oman no kureba izindi nzego Ibihugu byombi byagiranamo imikoranire.***

Umukuru w'Igihugu ari muri Oman mu ruzinduko rw'iminsi ibiri, akaba ari narwo rwa mbere agiriye muri icyo gihugu aho yahasesekaye kuri uyu wa Mbere tariki ya 07 Nzeri 2026.

Ku munsi wa kabiri w'uruzinduko, Perezida Kagame azasura Ingoro Ndangamurage ya Frankincense (Museum of the Frankincense Land), ihereye muri Dhofar mu majyepfo ya Oman mbere yo gukomereza ku ifamu y'ibwami ya Razat (Razat Royal Farm).

Iyi Ngoro ndangamurage iri muri Al Baleed Archaeological Park, ahantu hashyizwe mu murage w'Isi n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco UNESCO. Razat Royal Farm ifite ubuso bungana na hegitari zirenga 1 000, akaba ari hamwe mu hantu h'ingenzi mu bukerarugendo bushingiye ku buhinzi n'uburezi.

Muri uru ruzinduko kandi Perezida Kagame azasangirira ku meza na mugenzi we Sultan Haitham Bin Tariq.

KOMEZA KU RUP.3

## U Rwanda ruhera mu rugo – Jeannette Kagame

NTAWITONDA Jean Claude

***Ibanga ryo kubaka urugo n'umuryango bihamye ni ukubakira ku kwishingikiriza ku Mana, nk'uko byashimangiwe na Madamu Jeannette Kagame yifashishije isomo riboneka muri Zaburi 127:1 hagira hati: "Uwiteka iyo atari we wubaka inzu, abayubaka baba baruhira ubusa. Uwiteka iyo atari we urinda umudugudu, umurinzi abera maso ubusa."***

Madamu Jeannette Kagame yavuze ko iyi Zaburi igaragaza uburyo urugo rutubakwa n'ubumenyi, ubuhanga, imbaraga cyangwa ibyo umuntu yagezeho, nubwo na byo atari bibi kubigira, ahubwo umunezero urubonekamo uhara-

KOMEZA KU RUP.3

# Kwita Izina bitwibutsa umutungo kamere twahawe - Minisitiri w’Intebe

KAMALIZA Agnes

***Minisitiri w’Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yagaragaje ko umunsi wo Kwita Izina abana b’ingagi ukomeye ku Rwanda kuko wibutsa Abanyarwanda agaciro k’umutungo kamere bahawe n’inshingano bafite zo kuwusigasira.***



Minisitiri w’Intebe Dr. Nsengiyumva Justin

Yavuze ko kurengera ingagi zo mu misozi bidakwiye kureberwa mu ndorerwamo yo kurengera inyamanswa gusa ahubwo bigomba kujyana n’iterambere ry’abaturage bazituriye bagomba kubona inyungu zitaziguye zizikomokaho.

Ubwo abana b’ingagi 22 bitwaga amazina ku wa Gatanu, tariki ya 04 Nzeri 2026, mu birori byitabiriwe n’abarenga 1 000 byabereye mu Kinigi mu Karere ka Musanze, Minisitiri w’Intebe yagaragaje ko kuba ingagai 460 zimaze kwitwa amazina mu myaka 21 birenze kuba umunsi mukuru. Yagize ati: “Kuri twe, kwita izina biruta kuba umunsi mukuru. Ni isezerano. Uyu ni umunsi ukomeye ku Rwanda, kuko utwibutsa agaciro k’umutungo kamere twahawe n’inshingano dufite zo kuwusigasira.”

Yagaragaje urugendo rurerure rwakozwe hagamijwe kurokora ingagi zo mu misozi zendaga kuzimira, aho mu myaka ya 1980 mu misozi ya Virunga hari hasigaye ingagi zo mu misozi 250 gusa, bitewe ahanini na ba rushimusi bazihohoteraga ariko uyu munsi hakaba habarurwa izirenga 1 000.

Minisitiri w’Intebe Dr. Nsengiyumva avuga ko kuba u Rwanda rwarashoboye kubungabunga ingagi bitabaye kubw’impanuka ahubwo byavuye mu bufatanye n’abaturage, abarengera urusobe rw’ibinyabuzima, abashakashatsi n’abandi bafatanyabikorwa.

Yashimangiye ko inyungu ziva mu kubungabunga ingagi zisaranganywa ndetse ari yo mpamvu u Rwanda rushimangira ko kurengera ibidukikije bidashobora gutandukanywa n’iterambere ry’abaturage.

Yongeyeho ati: “Nk’uko mubizi, amazina duha abana b’ingagi muri uyu muhango ngarukamwaka agaragaza icyifuzo cyacu cy’uko bazakura batekanye, bagakomeza kororoka no kubaho neza. Icyo cyifuzo ni cyo cyahuje Abanyarwanda n’inshuti z’u Rwanda mwabonye, zaturutse hirya no hino ku Isi.

Umuyobozi Mukuru w’Urwego rw’Igihugu rw’Iterambere (RDB), Jean-Guy Afrika yashimangiye ko iyo Pariki zibungabunzwe bigera no ku baturage kuko amafaranga bahabwa abafasha mu mibereho abasaba gukomeza kuzibungabunga.

Mu cyumweru cyabanjirije Kwita Izina, hatangijwe imirimo yo kubaka imidugudu y’icyitegererezo, ‘Smart Green Village’, umushinga w’ishoramari ry’arenga miliyoni 49 z’amadolari ya Amerika, uzafasha ingo 547 zagizweho ingaruka no kwagura Pariki y’Igihugu y’Ibirunga, aho abo baturage bazahabwa amacumbi yo kubamo. Abitabiriye ibi birori basabwe gukomeza kurinda ingagi bakiyemeza gukomeza no kubaka ahazaza harengerwa ibidukikije mu gihe umubare w’ingagi ukomeje kwiyongera.

Kugeza ubu arenga miliyari 23 Frw yasubijwe mu baturage, aho amaze gushyigikira imishinga yabo 1 300, irimo amashuri, ibigo nderabuzima, ibikorwa byo kugeza amazi ku baturage n’indi mishinga ibafasha kwiteza imbere.

# Umujyi wa Kigali waburiye abakodesha inzu ahashyira ubuzima mu kaga

NTAWITONDA Jean Claude

***Ubuyobozi bw’Umujyi wa Kigali bwakebuye abatuye ahashobora gushyira ubuzima bwabo mu kaga, biganjemo abakodesha, bubashishikariza kwimuka mbere y’uko ukwezi k’Ukwakira kugera kuko kuzarangwa n’imvura nyinshi ishobora no kubambura ubuzima.***

Iyo mpuruza itanzwe mu gihe Ikigo cy’Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw’Ikirere (Meteo Rwanda) giherutse gutangaza ko impera z’uku kwezi kwa Nzeri n’intangiriro z’ugutaha k’Ukwakira zizarangwa n’imvura nyinshi.

Muri uku kwezi kwa Nzeri, Meteo Rwanda yatangaje ko mu Gihugu hose muri rusange hazagwa imvura iri ku mpuzanzengo ya milimetero ziri hagati ya 20 na 120, ikaba iri munsi y’isanzwe igwa iri hagati ya milimetero 35 na 213.

Emma Claudine, Umuvugizi w’Umujyi wa Kigali, ahamya ko Meteo Rwanda yateguje ko Abanyakigali bo bazahura n’imvura nyinshi cyane hagati ya tariki ya 26 Nzeri na tariki 6 Ukwakira 2026.

Yavuze ko iyo imvura iguye abatuye mu manegeka ubuzima bwabo buba buri mu kaga, kandi ngo abenshi baba ari abakodesha aho batekereza ko hahendutse cyangwa haborohereza kugera aho bakorera buri munsi.

Ati: “Imibare yatweretse ko abantu benshi bagerwaho n’ibibazo by’ibiza mu gihe cy’imvura ari abakodesha kubera ko ari bo bakodesha mu nzu zishyira ubuzima mu



Abatuye ahashyira ubuzima bwabo mu kaga bagirwa inama yo kuhimuka, kuko uyu muhindo uzagwamo imvura nyinshi

kaga. Tuributsa abantu bakodesha ngo rwose ngo bisuzume, hari ahantu ushobora kuba uri gukodesha hahendutse cyangwa se hegereye akazi ukora ariko hashobora kuba hashyira ubuzima mu kaga imvura iramutse iguye.”

Akomeza avuga ko ahanini abakodesha ahashyira ubuzima bwabo mu kaga baba babibona, ariko bakabyirengagiza nkana kuko hari ubwo aba ari nko munsi, umukingo uteye inkeke, hakora kuri ruhurura, cyangwa se ari inzu babona ko yatangiye no kwiyasa.

Akomeza agira ati: “Ibyo ngibyo byose birebe, niba uri kubona inzu uri kubamo nonaha yashyira ubuzima bwawe mu kaga kandi uyikodesha, tangira gushaka ahandi wakwimukira mbere y’uko ukwezi k’Ukwakira kwinjiramo cyangwa se nibura kugitangira kugira ngo ubuzima bwawe butazajya mu kaga cyangwa se n’ubw’abawe kuko amagara aseseka ntayorwe.“

Kuri we, ibyiza ni uko wakongera amafaranga y’ubukode cyangwa se ukaba watura kure ho gato y’aho ukorera, ariko ugatura ahantu hatekanye cyane ko n’uburyo bw’ingendo za rusange bugenda burushaho koroha.

Nk’uko bishimangirwa na Minisiteri ishinzwe Ibikorwa by’Ubutabazi (MINEMA), kubera uduce tw’imisozi duhereye ahatandukanye mu Mujyi wa Kigali, ahantu henshi hakunda kwibasirwa n’inkangu n’imyuzure bishobora gutungurana mu gihe hatabayeho kwigengeserera.

Mu duce twashyizwe imbere cyane mu kwibasirwa n’ibiza harimo mu Rugugunga no mu Gitega mu Karere ka Nyarugenge, Gasharu, Ngoma, Karambo, Gakoki na Nyanza muri Kicukiro, Karuruma, Jabana, Gusozi na Mukindo mu Karere ka Gasabo.





# Perezida Kagame yagiranye ibiganiro bigamije imikoranire n’Umwami wa Oman

IBIKURIKIRA URUP.1

Uru ruzinduko rwitezweho kongera gushimangira ubushake bw’Ibihugu byombi bwo gukomeza guteza imbere umubano n’ubufatanye, ndetse biteganyijwe ko impande zombi zizasinya amasezerano y’ubufatanye mu nzego zitandukanye, agamije gushyiraho uburyo bushya bwo kwagura ubufatanye hagati y’u Rwanda na Oman.

U Rwanda na Oman bimaze imyaka isaga 28 bifitanye umubano wa dipolomasi, kandi ibihugu byombi byagiye bigirana ubufatanye mu nzego zitandukanye.

Mu biganiro byagiye bihuza abaminisitiri b’ububanyi n’amahanga, impande zombi zagarutse ku kongera ubufatanye mu by’ubukungu, ishoramari, ubuhinzi, ubukerarugendo, umuco na dipolomasi.

# U Rwanda ruhera mu rugo – Jeannette Kagame



Madamu Jeannette Kagame yavuze ko umunezero uboneka mu rugo uharanirwa byose bigashingira ku Mana nk’umusingi wa byose

IBIKURIKIRA URUP.1

nirwa byose bigashingira ku Mana nk’umusingi wa byose.

Ahanura urubyiruko rwagiriwe icyizere kuri ubu rukaba ruhabwa inshingano ku bw’ubushobozi rufite, Madamu Jeannette Kagame yarusabye kugira imitekerereze, imyumvire, n’imyitwarire isobanutse, bagasigasira imibanire y’umuryango kuko ari yo ifasha mu guhangana n’impinduka zizanwa n’iterambere, ikoranabuhanga, ibibazo by’ubukungu n’ibindi.

Yakomeje agira ati: “Niba umuryango uhamye ari wo musingi Igihugu cyubakiraho, inshingano z’iki kiragano ni ugukomeza uwo musingi duhereye mu ngo zacu kugira ngo ibyo tuzaraga abana bacu bitazaba ibikomere bazakomeza kwivura ahubwo bibe urufatiro rukomeye bazubakiraho. U Rwanda ruhera mu rugo.”

Madamu Jeannette Kagame yakomoje no ku myumvire igenda ihindagurika cyane cyane ku bijyanye no gushyingirwa, aho bamwe batacyumva gushyingirana ari ngombwa bigatuma bake cyane ari bo bagera ku gutera iyo ntambwe, abandi bagatinda gushaka cyangwa ntibanabikore.

Yavuze ko hari abaharanira kubaka ubuzima bibwira ko bazashinga ingo byose bimaze gutungana, ariko byaba bimaze kujya ku murongo rimwe na rimwe bigasanga ubushake bwo kwiyemeza gushaka bwarayoyotse.

Yakomeje agira ati: “Uruhare rumwe rw’izo mpinduka rugaragarira mu buryo imibanire yubatswe uyu munsi. Hari byinshi abangana natwe tutazi nanjye mbimenye muri iyi minsi kubera kuganira n’abatoya, bifite amazina menshi. Twageze ku kwakira umubano udashyitse w’abantu babana mbere y’uko biyemeza kubana.

Hari ibyo bita ngo looking (kureba), talking (kuganira), dating (guteretana no kwiganaho), exclusive (guhitanamo) na open marriage (kubana n’uwo mwashakanye wemerewe kugirana umubano n’abandi). Buri ntera yose igenda irushaho kuba akajagari uko umuntu ayitera, kandi buri yose irushaho kwaguka ariko abayirimo nta nshingano bafite zabirukansa.”

Akomeza avuga ko uko bigenda byaguka ari na ko abantu bagera ku byo bita ‘situationship’, cyangwa ubushuti ariko budatanga icyizere. Ibyo ngo bigaragaza ko hari abashaka umubano utagira inshingano zirimo kwihanganira ibikurikira ibirori, cyangwa isezerano ritagira kubahiriza indahiro iriherekeza.

**Abashakanye batandukanywa n’utuntu duto tudakemurwa**

Madamu Jeannette Kagame yagaragaje ko imibanire y’abashakanye itangangizwa n’ibintu bihambaye, ahubwo akenshi bishingira ku tuntu duto dukomeza kwiyongera birimo kugenzurana bidashira, gusererezanya mu ruhame, uburakari, guceceka nk’igihano n’ibindi.

Ati: “Ibyo bihe bigaragara nk’ibitagira icyo bitwaye ako kanya bibaye, ariko ntibihora ari bito ahubwo bikomeza kubikwa igihe kirekire, bikagenda bihindura uko abashakanye biyumvanamo. Uburakari bw’akanya gato budakemuwe, bushobora kubyara ibibazo bibangamira ibiganiro mu myaka myinshi. Si amagambo gusa akomeretsa, ahubwo no guceceka bishobora gukomeretsa cyane. Uguceceka no kwanga kuganira byose bishobora gukoreshwa nabi nk’amagambo mabi.”

Gusa yanagiriye inama abubatse ingo n’abateganya kuzishinga, yo kwiga guceceka igihe umutima ugurumana, ahubwo bakajya bashaka umwanya bongeye gucururuka kugira ngo babashe gutanga ibitekerezo bavugana ineza. Yavuze ko urugo ari nka alitari, bityo icyo umuntu akoze cyangwa avuze cyose gishobora gufasha mu kurushaho kuyikomeza cyangwa kuyirimbura.

Yagaragaje ko ibyo bamwe biremera bituma badakemura ibibazo, na byo biri mu bimunga umuryango bucece. Ibyo birimo kuba abashakakanye babona batumvikanye ku bintu bakabirekera aho babyita kwemeranya kutumvikana (agree to disagree), cyangwa umwe agafata akaruhuko akitarura mugenzi we aho guhuza bagashakira hamwe umuti w’ingorane bafite.

Ati: “Nta na kimwe muri byo kibi ubwacyo, ariko iyo bibaye kenshi bituma abantu bahungana aho kwiyunga [ngo bashakire] hamwe umuti w’ikibazo.”

Yakomeje akangurira abashakanye kugira kwizera kuko ari byo bizana umubano uramba aho abashakanye babona uburuhukiro iyo ibibatandukanya bigaragara nk’ibitakemurwa na bo ubwabo.

Yongeyeho ko agaciro k’umuryango gakwiye guhuzwa n’ibyo abawugize baharanira kurinda, birimo no kudatezuka ku mubano n’isezerano bagize, bityo bagaharanira kugira amahitamo mazima ari na yo agaragaza indangagaciro z’umuryango uboneye.

Yabwiye urubyiruko rwitabiriye amasengesho y’abayobozi bakiri bato kuri iki Cyumweru tariki ya 06 Nzeri 2026, ko buri wese hari umusanzu yatanga mu kubaka umuryango muzima ari na wo ntangiriro y’Igihugu kizima, ukaba n’umurage usigirwa ibisekuru byo mu binyejana bizakurikira.

# Igihe imanza zimara mu nkiko cyagabanyutseho amezi abiri

MUTETERAZINA Shifah

***Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza yatangaje ko Urwego rw'Ubucamanza mu Rwanda rwageze ku ntego rwari rwarihaye yo kugabanya imanza zitinda mu nkiko, aho impuzandengo y'igihe imanza zimara yagabanyutse ikaba igeze ku mezi ane, mu gihe yari ku mezi atandatu mu mwaka w'ubucamanza ushize wa 2025/2026.***

Ni bimwe mu byagaragajwe ku wa Gatanu tariki ya 4 Nzeri 2026, ubwo hatangizwaga umwaka w'ubucamanza wa 2026/2027. Hagaragajwe ko mu mwaka w'ubucamanza wa 2025/2026, inkiko zo mu Rwanda zaciye imanza 123 027, mu gihe zari zifite imanza 163 695 zagombaga kuburanishwa. Muri zo manza 54 278 zari zasigaye mu mwaka w'ubucamanza wabanje, naho 109 417 zikaba zarinjiye mu nkiko muri uwo mwaka.



Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Mukantaganzwa Domitilla yavuze ko intego Urwego rw'Ubucamanza rwari rwihaye yagezweho

Raporo y'Urwego rw'Ubucamanza igaragaza ko mu manza zaciwe 103 139 zingana na 84%, zaciwe mu buryo busanzwe bwo kurangiza imanza. Izindi 19 888, zingana na 16%, zaciwe hakoreshejwe uburyo bw'ubuhuza n'ubwumvikane, aho ababuranyi bumvikanira ku gisubizo cy'ikibazo bafitanye.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Mukantaganzwa Domitilla, yerekanye uko Urwego rw'Ubucamanza ruhuza inshingano zarwo zo gutanga ubutabera bwihuse, avuga ko hakoreshwa uburyo burimo kunga abafitanye ibibazo.

Yagize ati: "Nk'uko Urwego rw'Ubucamanza rwabigize intego umwaka wa 2025/2026 utangizwa, hashyizwe imbaraga mu gushishikariza ababuranyi gukoresha inzira z'ubutabera nsanasano mu gukemura ibibazo bafitanye aho byashobokaga. Turishimira ko imanza zaciwe hakoreshejwe ubwo buryo zageze ku 19 888, mu gihe zari 15 012 mu mwaka w'ubucamanza wabanje, bisobanuye ko habayeho inyongera y'imanza 4 876 zingana na 32,4%."

Yakomeje agaragaza ko kwihutisha imanza zitinda mu nkiko byiyongereye, avuga ko bishimangirwa n'uko impuzandengo y'igihe urubanza rumara mu nkiko yagabanyutse. Ati: "Urwego rw'Ubucamanza ruramenyesha Abanyarwanda ko impuzandengo y'igihe urubanza rumara rutegeje kuburanishwa yagabanyutse, ikaba igeze ku mezi ane, ivuye ku mezi atandatu mu mwaka wabanje."

Iyo raporo ikomeza igaragaza ko mu byiciro by'inkiko, Inkiko z'Ibanze ari zo zaciye imanza nyinshi, aho zaciye 74 348. Hakurikiraho Inkiko Zisumbuye zaciye 33 144, mu gihe Urukiko Rukuru, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi hamwe n'izindi nkiko zaciye imanza izisigaye.

Urwego rw'Ubucamanza rwanagaragaje ko rugifite imbogamizi zitandukanye, harimo n'umubare w'imanza ukomeza kwiyongera mu nkiko, mu gihe umubare w'abakozi utiyongera, bikagira ingaruka kuri serivisi zihabwa abazigana.

Mu mpera z'umwaka w'ubucamanza, hasigaye imanza 41 831 zitaracibwa, umubare w'imanza zasigaye wagabanyutse ugereranyije n'izari zisigaye mu ntangiriro z'umwaka, kuko inkiko zatangiye umwaka zifite imanza 54 278.

# Umutungo kamere ubyazwe umusaruro uteza imbere Afurika - Dr. Nsengiyumva

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva Justin yavuze ko kuba Umugabane wa Afurika ukungahaye ku by'ingenzi kandi by'ibanze nk'umutungo kamere urimo ubutaka, ikirere cyiza byafasha kuzamura umusaruro kandi bisaba ko hashyirwa imbere iterambere ry'uwo mugabane, abantu bagakora vuba na bwangu bagamije iterambere ry'abawutuye.***

Yabigarutseho ubwo yatangizaga ku mugaragaro Inama Nyafurika yiga ku kwihaza mu biribwa (AFS Forum 2026) yari ibaye ku nshuro ya 20, ihuje abantu barenga 5 000 baturutse mu bihugu birenga 50, ahareberwaga hamwe icyafasha Afurika mu kubaka ubudahangarwa mu bijyanye n'uruhererekane rw'ibiribwa, hibandwa ku guhanga imirimo no kubyara inyungu ku Banyafurika.

Yavuze ko ari umwanya mwiza wo kungurana inama no guhanga udushya n'ishoramari mu rwego rw'ubuhinzi, Afurika ikihaza mu biribwa.

Yagize ati: Tugomba kubyaza umusaruro uwo mutungo dufite ndetse umusaruro ukaba iterambere ry'Abanyafurika bose. Amahirwe ari imbere yacu, igikenewe cyihutirwa ni ukugira icyo dukora." Yavuze ko Afurika ikungahaye ku by'ibanze bikenewe, ngo abayituye bihaze banasagurire n'andi masoko.

Ati: "Afurika ifite umutungo udasanzwe, ari ubutaka bunini, amazi, izuba n'abaturage bakiri bato bafite imbaraga, bashobora kuzana impinduka mu kwihaza mu biribwa. Nyamara, nubwo dufite ibyo byose, dukomeje guhura n'inzara no kutihaza mu biribwa. Mu 2025, Abanyafurika bagera kuri miliyoni 309 bagizweho ingaruka n'inzara, hafi 20% by'abaturage ba Afurika. Kandi nanone abagera kuri 57% bahuye n'ikibazo cy'ibura ry'ibiribwa mu buryo bugereranyije cyangwa se bukomeye."

Dr. Nsengiyumva yavuze ko iyo nama ari urubuga ruhamye rwo kuganira ku cyakorwa ngo Afurika yihaze mu biribwa. Yagize ati: "Mu myaka makumyabiri ishize, iyi nama ni urubuga rwahuje abayobozi mu rwego rwa politiki, abahinzi, abacuruzi, abashoramari, abashakashatsi, abafatanyabikorwa mu iterambere, abagore n'urubyiruko, mu cyerekezo kimwe cyo guhindura ubuhinzi Afurika ikihaza mu biribwa."

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka ikomoza ku kubona ibiryo byuje intungamubiri kuri buri muryango, hagahangwa imirimo ihesha agaciro urubyiruko kimwe no kwagura amahirwe ku bagore mu buryo bw'uruhererekane rwongera agaciro uhereye ku musaruro no kuwubyaza umusaruro, kuwuhunika no kuwugeza hirya no hino, ibyo kandi bijyana no kuzamura uburyo bwo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe n'ubukungu.

Yavuze ko kugira ngo bigerweho hahindurwa uburyo ubuhinzi bukorwamo, urubyiruko ntirubone uru rwego nk'aho ari amahitamo ya nyuma, ahubwo ari amahirwe y'ubukungu, ubuhinzi butanga inyungu, hakabaho kwihangira imirimo no guhanga udushya biganisha ku iterambere.

Komiseri w'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika ushinzwe Ubuhinzi, Iterambere ry'Icyaro, Ubukungu n'Ibidukikije birambye, Moses Vilakati, yavuze ko Afurika igomba kugabanya ibiryo bitumizwa mu mahanga no guhindura umusaruro w'ubuhinzi mo amahirwe ku bahinzi bo ku mugabane.

Yagize ati: "Afurika igomba kuba itunganya neza ibiribwa ubwayo, aho kuba itumiza ibikomoka mu mahanga."

Hailemariam Desalegn wabaye Minisitiri w'Intebe wa Ethiopia akaba na Perezida w'Ihuriro Nyafurika ku iterambere ry'Ubuhinzi (AGRA), yavuze ko ubuhinzi bwa Afurika bugomba kubamo impinduka.

Ati: "Afurika igomba kurenga gusa guhinga ibiribwa byinshi no gukurikirana impinduka zimbitse mu guhindura imikorere y'urwego rw'ubuhinzi."



Minisitiri w'Intebe, Dr Nsengiyumva Justin yavuze ko umutungo kamere Afurika ifite wabyazwa umusaruro uyiteza imbere





# Perezida Kagame yagaragaje igisubizo ku rubyiruko rufite imishinga rutagira igishoro

NTAWITONDA Jean Claude

***"Umubare munini w'inzego z'imari ku mugabane zikoze mu buryo zitanga igishoro ku bantu bagifite", nk'uko byashimangiwe na Perezida wa Repubulika Paul Kagame, ubwo yashingaga agati ku nshingano za Leta zo kugabanya ingorane zituma urubyiruko rwa Afurika rufite ibyo rushoboye gukora rukomeza kudindizwa no kutagira igishoro cyangwa ingwate.***

Mu biganiro yagiranye n'urubyiruko rwitabiriye Inama yiga ku ruhererekane rw'Ubuhinzi n'ibiribwa muri Afurika (AFS2026) tariki ya 03 Nzeri 2026, Perezida Kagame yagaragaje uburyo leta za Afurika ziramutse zifashe inshingano zo kugabanya ibyago bizitira abafite ibitekerezo bizima ku bishyira mu bikorwa, batanga umusaruro ugera no ku gihugu na Afurika muri rusange.



Perezida Paul Kagame yerekanye uburyo Leta n'abandi bafatanyabikorwa batanga amafaranga yafasha urubyiruko kugera ku mari

Aha yasubizaga ikibazo yabajijwe na Moussa Mishamo, Injiniyeri mu buhinzi washinze akaba n'Umuyobozi w'Ikigo Radar 360 gitanga ibisubizo by'ikoranabuhanga mu buhinzi, washakaga kumenya icyo Perezida Kagame abona nk'igisubizo ku kibazo by'urubyiruko rudindirana ibitekerezo byiza byahindura icyerekezo cya Afurika n'Isi muri rusange.

Yagize ati: "Leta zikwiye gushaka uburyo bwo kubyinjiramo zikajya hagati, kugira ngo bagire icyo bihererezaho ku ngorane zihari, maze bikorohera abataragira igishoro cyangwa abatabasha kukigeraho byoroshye. Kandi ibi birashoboka, nabaha urugero hano twashyizeho Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) aho Leta ndetse n'abandi bafatanyabikorwa batanga amafaranga hagamijwe guharanira ko igishoro kiboneka kuri cya cyiciro cy'abatagifite, ari na bo benshi, by'umwihariko urubyiruko rushaka kugira icyo rukora ariko rutabasha kubona igishoro."

Yakomeje agaragaza uburyo RDB ijya hagati ya Leta n'urubyiruko rwikorera, bagafashwa gushyira mu ngiro ibyo bashoboye gukora ariko Leta yihererejeho ingorane nyinshi zakabaye zijya kuri wa rwiyemezamirimo ugerageza guhindura inzozi impamo.

Yakomeje agira ati: "Nubwo Leta yishyiraho bimwe mu byago, ikuraho ingorane ku rubyiruko rufata inguzanyo muri banki, ariko birangira bitanze umusaruro ufatika kubera ko abashyigikirwa akenshi bakorera amafaranga menshi bakazamuka mu nzego aho bakora ibibungura binatanga inyungu ku Gihugu no ku bukungu muri rusange."

Yavuze ko Leta ziramutse zibishyizeho umutima zikabitegura neza, kubikora byakoroha ndetse n'ubushobozi bwo kubikora bukiyongera. Yaboneyeho gusaba Leta by'umwihariko iza Afurika guhora zizirikana gutanga ubufasha bukwiye ku bashaka kugira icyo bakora, kandi babifitiye ubushobozi ariko hari ibyo babura nk'ubushobozi, zigakuraho inzitizi.

**Amahirwe ari mu ruhererekane rw'ubuhinzi n'ibiribwa ntagira ingano**

Perezida Kagame, asubiza ikibazo cya Imungana Marikana washinze Ikigo Cranitech Limited gitanga ibisubizo by'ikoranabuhanga bihuza abahinzi n'amasoko muri Zambia, yagaragarije urubyiruko ko uruhererekane rw'ubuhinzi n'ibiribwa rufite amahirwe atagira ingano kuva mu murima ukagera ku masoko y'imbere mu gihugu no ku rwego mpuzamahanga.

Yanagaragarije urubyiruko ko muri aya mahirwe buri wese ashobora kurebamo ahura n'ibyo bakunda bakayabyaza umusaruro, haba mu buhinzi ubwabwo, ubucuruzi bw'umusaruro, ibikoresho by'ubuhinzi n'ikoranabuhanga, ibishyirwa mu buhinzi nk'umusaruro, uburyo bwo kubika no guhunika umusaruro ngo utangirika, ndetse n'ibindi byinshi.

Yavuze ko abaye ari urubyiruko yabanza kureba ibijyanye n'ibyo akunda gukora kandi bifite amahirwe ajyanye n'ibisubizo isoko rikeneye akaba ari ho ashyira imbaraga.

Ati: "Aho ni ho ugomba gushyira imbaraga, ariko hari n'ikindi gice aho ubanza kurwana no guhagarara ku maguru yombi, aho utangirira, ariko wahisemo muri ibyo bintu wowe nka rwiyemezamirimo aho ushobora gushyira imbaraga cyane. By'umwihariko, mu by'ukuri aho waba uri hose haba mu murima, mu gihugu cyawe, uruhererekane rw'ibiribwa ruragutse cyane ndetse n'ibikenewe ntibigira ingano ku buryo birenga umuryango wawe, agace utuyemo n'igihugu, bikajya ku yandi masoko mpuzamhanga."

Yasabye urubyiruko gukora ibyo bakora byose bazirikana ko ubuhinzi ari urubuga rugari cyane rukeneye guhuza ibitekerezo by'umuntu n'amahirwe ahari yo kurufasha kubyaza umusaruro ibitekerezo binyuranye rufite bitanga ibisubizo ku byuho bikigaragara mu ruhererekane rw'ubuhinzi n'ibiribwa.

Perezida Kagame yavuze kandi ko kubona ibiribwa birenga kuba uburenganzira bwa muntu bikaba ubuzima ubwabwo kuko nta gishobora gukorwa mu gihe abantu batabona ibyo barya.

**Inama iruta izindi: Mu gukemura ibibazo wirebereho**

Ubwo yasubizaga ikibazo cya Lydia Murekatete, uri mu bashinze Ikigo All Greens gihinga mu buryo buhangana n'imihindagurikire y'bihe kigaruka ku nama yaha urubyiruko ruhatanira kuba ba rwiyemezamirimo, Perezida Kagame yarusabye gukemura ibibazo ruhereye ku byo rufite bishobora kuba imbogamizi yo gutanga ibisubizo ku bandi.

Yagaragaje ko buri wese uriho yifitemo ubushobozi bwo gutanga ibisubizo, ariko ngo hari ababyicarana gusa ntibabishyire mu bikorwa kandi ari ho ikizamini kiba kiri.

Ati: "Mbere yo gutekereza kujya gukemura ibibazo biri hanze, banza witekerezeho mbere na mbere. Witekerezeho atari mu buryo bwo kwikunda/kwikubira, ahubwo mu buryo bwo gufata amasomo, ukibaza uti: ni ibihe bibazo nshobora kuba mfite bishobora kumbera inzitizi ku iterambere? Icyo ni ikiganiro ugirana nawe ubwawe. Iyo ubikoze neza ukajya hanze birakorohera kumenya ibibazo bihari, ukabasha kubishyira mu byiciro, ukagira ibyo ushyira imbere, ugahitamo ibyo ukemura mbere bifite aho bihurira n'ibyo wifuza kugeraho cyangwa bya bintu bikugiraho ingaruka."

Inama nk'iyi ibaye ku nshuro ya 20, zifite intego yo gufasha Afurika kugera ku Ntego z'Iterambere Rirambye (SDGs), zihuza inzego zifata ibyemezo, ba rwiyemezamirimo n'abashoramari hagamije kwihutisha ibikorwa byubaka uruhererekane rw'ubuhinzi n'ibiribwa rudaheza, rutekanye, rwihagazeho kandi rurambye.



Urubyiruko rwagaragaje inyota rufite yo kubyaza umusaruro amahirwe rufite mu buhinzi

# Abahinzi bato basaga ibihumbi 35 bagiye guhabwa inkunga y'asaga miliyari 30 Frw

IMVAHO NSHYA

***Ikigega Mpuzamahanga gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi (IFAD) na Banki ya Kigali, bashyize umukono ku masezerano y'imari ya miliyoni 21 z'amadolari y'Amerika, angana na miliyari 30 z'amafaranga y'u Rwanda, azafasha kwagura uburyo koperative z'abahinzi n'abahinzi bato bo mu Rwanda babona serivisi z'imari aho abagera ku bihumbi 35 000 bazishyigikirwa.***



**Umuyobozi Mukuru wa Banki ya Kigali, Dr. Karusisi Diane na Visi Perezida wa IFAD, Dr. Mukeshimana Gérardine ni bo bashyize umukono ku masezerano**

Aya masezerano agamije gushyigikira gahunda yo gutera inkunga koperative z'abahinzi mu Rwanda, izwi nka Farmers' Organizations Financing Programme – Rwanda (FOFP-R), ikaba igamije kongera umusaruro, guhangana n'ibibazo bishobora kubangamira ubuhinzi no guteza imbere urwego rw'ubuhinzi mu buryo budaheza.

Mu itangazo rigenewe abanyamakuru IFAD yashyize ahagaragara kuri uyu wa 4 Nzeri 2026, yatangaje ko ku bufatanye na Banki ya Kigali, bashyizweho ubu buryo bushya bwo gutera inkunga ubuhinzi mu Rwanda, cyane cyane hagamijwe korohereza koperative z'abahinzi n'abahinzi bato kubona igishoro.

Muri rusange, gahunda ya FOFP-R izakusanya miliyoni 21 z'amadolari y'Amerika, angana na hafi miliyari 30,9 Frw. Muri ayo mafaranga, IFAD izatanga miliyoni 12 z'amadolari, ahwanye na hafi miliyari 17,7 Frw, mu gihe Banki ya Kigali izongeraho miliyoni icyenda z'amadolari, angana na hafi miliyari 13,2 Frw.

Biteganyijwe ko iyi gahunda izafasha koperative z'abahinzi 215, muri zo izigera kuri 172 ikazahabwa inkunga y'amafaranga, bikazagera ku bahinzi bato barenga 35 000, cyane cyane abagore n'urubyiruko.

Visi Perezida w'Ikigega Mpuzamahanga gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi, Dr Gérardine Mukeshimana, yavuze ko iri shoramari rizatanga umusanzu mu gushimangira ubushobozi bw'imiryango y'abahinzi no kuyifasha kubona igishoro ikeneye kugira ngo yongere umusaruro.

Yagize ati: "Icy'ingenzi kuri gahunda yo gutera inkunga imiryango y'abahinzi mu Rwanda ni uko igaragaza impinduka mu buryo bushya bwo gutera inkunga urwego rw'ubuhinzi. Udushya ntitugarukira ku ikoranabuhanga gusa, ahubwo tunareba ibijyne n'imari, inzego, ubufatanye n'ishoramari."

Dr. Mukeshimana yavuze ko FOFP-R izafasha kugabanya ibyago ku batanga inguzanyo, gushaka andi mafaranga y'ishoramari no kwagura amahirwe ku bakorera mu cyaro, imiryango y'abahinzi ndetse n'abahinzi bato.

Muri miliyoni 12 z'amadolari ya IFAD, ahwanye na hafi miliyari 17.7 Frw, miliyoni icyenda z'amadolari, angana na hafi miliyari 13, 2 Frw, zizaba inguzanyo, miliyoni 1, 8 z'amadolari, ahwanye na hafi miliyari 2.6 Frw, zikaba inkunga yo gusaranganya mu guhangana n'ibyago, mu gihe miliyoni 1,2 z'amadolari, angana na hafi miliyari 1,8 Frw, zizaba inkunga igenewe ubufasha mu bya tekiniki.

Aya mafaranga azafasha kongera ubushobozi bw'imiryango y'abahinzi mu miyoborere, imicungire y'imari n'ikoranabuhanga, ndetse anafashe Banki ya Kigali kugira ngo ibashe gutegura uburyo n'ubumenyi bukenewe mu gukorera neza iyi miryango y'abahinzi.

Gahunda ya FOFP-R izibanda ku ruhererekane rw'ibikorwa by'ubuhinzi birimo ibigori, umuceri, imyumbati, ubworozi bw'inka zikamwa n'ubuhinzi bw'imboga n'indabo.

Umuyobozi Mukuru wa Banki ya Kigali, Dr Diane Karusisi, yavuze ko ubufatanye na IFAD buzafasha gutanga ibisubizo bishya kandi birimo bose mu rwego rw'imari, bigahuza igishoro n'ubufasha mu bya tekiniki bukenewe kugira ngo imiryango y'abahinzi ikomeze kunoza imiyoborere n'imicungire y'imari.

Muri rusange, Imibare y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibere (NISR) cyatangaje ko ubuhinzi bukorwa n'abarenga 70% by'abaturage b'u Rwanda kandi bukagira uruhare rungana na hafi 25% ku Musaruro Mbumbe w'Igihugu.

MUTETERAZINA Shifah

# Urubyiruko rukurikiranwa n'ubushinjacyaha bukuru rwagabanyutseho 11%

***Ubushinjacyaha Bukuru bw'u Rwanda bwatangaje ko umubare w'urubyiruko rwakurikiranwe n'ubushinjacyaha bukuru ungana n'abantu 32 231 bahwanye na 40% bakaba baragabanyutseho 11% ugereranyije n'umwaka ushize wa 2025/26 aho abakurikiranywe icyo gihe banganaga na 51%.***

Ni bimwe mu byatangajwe tariki 04 Nzeri 2026, ubwo hatangizwaga Umwaka w'Ubucamanza mu Rwanda wa 2026/27, mu muhango wabereye ku Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko.

Ubwo yagezaga ku bitabiriye raporo y'ibikorwa by'Ubushinjacyaha Bukuru mu mwaka w'Ubucamanza wa 2025-2-026, Umushinjacyaha Mukuru, Habyarimana Angélique, yagaragaje ko umubare w'urubyiruko rukurikiranwa n'Ubushinjacyaha Bukuru wagabanyutse mu mwaka ushize w'ubucamanza.

Yagize ati: "Turebye ikigero cy'abakurikiranwa n'Ubushinjacyaha Bukuru byagaragaye ko abagera kuri 40% bangana n'abantu 32 231, bari hagati y'imyaka 18 na 30 y'amavuko ugereranyije n'umwaka wabanje aho bari 51% biragaragara ko habayeho igabanyuka."

Akomeza avuga ko bakomeje gukaza ingamba zizarushaho kugabanya uwo mubare cyane ko hari n'izatangiye gutanga umusaruro kuko bazi neza ko icyo cyiciro cy'abaturage ari zo mbaraga z'Igihugu.

Ati: "Ingamba zigomba kunozwa kugira ngo uru rubyiruko rufashwe kuva mu byaha, aha tukaba twavuga n'igikorwa kijyanye no kurwanya inzoga zitujuje ubuziranenge kigaragaza igabanyuka ry'ikorwa ry'ibyaha ryakorwaga n'abazinywa."

Akomeza agaragaraza ko hakozwe isesengura ry'ingano y'ibyaha byakozwe mu mwaka ushize imibare ikagaragaza ko ibyaha bibiri ari byo byiganje harimo ubujura hamwe no gukubita no gukomeretsa byombi byihariye 49% by'amadosiye yose yakiriwe mu bushinjacyaha mu 2025.

Ubushinjacyaha kandi buvuga ko ikindi cyaha bwakurikiranye kandi cyiganje ari ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge


**Umubare w'Urubyiruko rukurikiranwa n'ubushinjacyaha bukuru wagabanyutseho 11%**

ndetse kikaba kiri mu byaha bitera ibindi aho ikigero cyo gutsindiraho izo manza kiri kuri 98%.

Muri rusange Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye amadosiye 71 276 bunafatira umwanzuro angana na 68 232 bingana na 95,7% muri ayo madosiye 4 793 yaregewe inkiko na ho angana na 27 439 ashyingurwa ku mpamvu zitandukanye zirimo guca ihazabu, kuburanisha urega n'uregwa n'izindi zemewe n'amategeko.

Ubushinjacyaha Bukuru buvuga ko bukomeje urugendo rwo gushyikira uburyo bwo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko kuko bufasha gutanga ubutabera bunoze bwihuse kandi bushyira umuturage ku isonga.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### Abaturarwanda baragirwa inama yo kwitegura guhangana n'imvura nyinshi iteganyijwe

Kugira aho umuntu aba ni byiza kandi birinda umuryango guhora wimuka, ukagira aho utuye. Ariko uko abatuye Isi bagiye biyongera usanga haturwa n'ahatagombye guturwa hashyira mu kaga ubuzima bwabo cyane ko n'ibihe byagiye bihinduka. Ibihe by'imvura byagiye bihindagurika uko imyaka ihita. Ibyo muri rusange bituma hari igihe hagwa imvura nyinshi ikaba yateza imyuzure, inkangu n'ibindi biza bikagira ingaruka ku batuye mu manegeka.

By'umwihariko muri iki gihe hagiye kuza Umuhindo, abantu bagirwa inama zitandukanye zirimo kuzirika ibisenge, gusibura inzira z'amazi, kwimuka ahateza akaga (mu manegeka), hagamijwe gukumira hakiri kare ibiza bishobora guterwa n'imvura iteganyijwe ko izagwa ari nyinshi muri uyu Muhindo w'Igihembwe cy'ihinga 2027A.

Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwakebuye abatuye ahashobora gushyira ubuzima bwabo mu kaga imvura iramutse iguye, cyane cyane abakodesha inzu zishobora kuba zakwibasirwa n'ibiza, bitewe nuko hashobora kuba hahendutse cyangwa se hegereye akazi umuntu akora. Umujyi wa Kigali, ubashishikariza kwimuka mbere y'uko ukwezi k'Ukwakira kugera kuko kuzarangwa n'imvura nyinshi, ishobora kuba yabagiraho ingaruka.

Ni nyuma y'aho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere, Meteo Rwanda cyatangaje ko Igihembwe cy'imvura y'Umuhindo (Nzeri - Ukwakira - Ugushyingo-Ukuboza) wa 2026, giteganyijwemo imvura iri hagati ya milimetero 300 na 1 000, ikaba iri hejuru y'impuzandengo nibura y'imyaka 30 y'imvura isanzwe igwa mu Muhindo, iri hagati ya milimetero 279 na 962.

Ingano y'iyo mvura iteganyijwe, izaturuka ku bushyuhe bwo mu Nyanja ngari ya Pasifika mu gice cyayo cyo hagati n'uburasirazuba (El Niño) ndetse n'ubwiyongere bw'ubushyuhe bwo mu Nyanja y'u Buhinde, bwose buri hejuru y'igipimo cy'impuzandengo y'ubushyuhe busanzwe; ibi bikazatera ubwiyongere bw'ubuhehere bw'umwuka buzanwa n'imiyaga iva muri izo Nyanja no ku isangano ry'imiyaga ihehereye iva mu gice cy'amajyaruguru y'Isi rimanuka rigana mu Karere u Rwanda ruherereyemo.

Si mu Mujyi wa Kigali gusa, kuko imvura nyinshi iteganyijwe ko izagwa mu bice bitandukanye by'Igihugu, buri muturarwanda akaba asabwa kwita ku gukumira ko ibiza byateza ibibazo, hakabaho kwitegura hakiri kare.

**Ubwanditsi**

# U Rwanda mu bihugu bizabona kuri miliyari 294 Frw zagenewe abahinzi



**Visi Perezida wa IFAD, Dr Mukeshimana Gérardine**

NTAWITONDA Jean Claude

***Abahinzi bo mu Rwanda bari mu bungutse amahirwe yo kubona inkunga muri miliyoni 200 z'amadolari ya Amerika (miliyari zisaga 294 z'amafaranga y'u Rwanda) zashyizweho mu kongerera abahinzi ubushobozi bwo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe cyane cyane mu bice by'icyaro.***

Iyo nkunga kandi yitezweho gufasha abahinzi bo muri Kenya, Tanzania na Uganda nk'uko byashimangiwe na Visi Perezida wa IFAD, Dr Mukeshimana Gérardine ku wa 2 Nzeri ubwo hafungurwaga ku mugaragaro Inama yiga ku guteza imbere uruhererekane rw'ubuhinzi n'ibiribwa muri Afurika (AFS 2026) iteraniye i Kigali.

Iyi gahunda yatangijwe ku bufatanye bw'Ikigega Mpuzamahanga gishinzwe guteza imbere Ubuhinzi (IFAD) na Equity Group, ku bufatanye n'Ikigega CGF, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga ya Finland, Ikigega Nordic Development Fund, Denmark n'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU).

Iyo nkunga yitezweho gushyigikira imishinga y'abahinzi bato 260 000 ndetse n'ibigo bito n'ibiciriritse birenga 500 byo mu Rwanda, muri Kenya, Uganda na Tanzania mu gihe cy'imyaka 12 iri imbere.

Dr. Mukeshimana yagize ati: "Hafi 60% by'ubushobozi bw'ingenzi bwa IFAD bishorwa hano muri Afurika. Ikindi kandi muri iyi nama dufatanyije n'abafatanyabikorwa bacu, dutangaje inkunga ya miliyoni 200 z'amadolari ya Amerika mu kongerera abahinzi bo muri Kenya, Tanzania, u Rwanda na Uganda ubushobozi bwo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe."

Iyo nkunga yatangajwe mu gihe IFAD yemeye gutanga indi nkunga ya miliyoni 21 z'amadolari ya Amerika binyuze mu masezerano y'ubufatanye isinyana na Banki ya Kigali kuri uyu wa Gatanu tariki ya 04 Nzeri, mu kurushaho kwagura amahirwe y'igishori kigenerwa abahinzi borozi mu Rwanda.

Dr. Mukeshimana yashimangiye ko izo gahunda zombi zikubiye mu mishinga yagutse ya IFAD yo gushyigikira iterambere n'urwego rw'imari rw'abaturage mu kugabanya ingorane ziba mu ishoramari ndetse ni kurushaho gukusanya igishoro cy'abikorera mu ruhererekane rw'ibiribwa.

Yongeyeho ko Leta za Afurika ziza ku ruhembe rw'imbere mu rugamba rwo guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi, ariko ko gutanga inkunga mu rwego rw'imari ubwabyo bidahagije kugira ngo uyu mugabane ugere ku ishoramari ryose ukeneye.

Yagize ati: "Ubushobori butangwa na Leta bukwiye gukoreshwa mu buryo buteguye neza hagamijwe gukuraho inzitizi, kugabanya ingorane ndetse no gufungura igishoro cy'urwego rw'abikorera. Mu by'ukuri, twe ibyo dukora byagaragaje ko imishinga irimo uruhare rw'abikorera yinjiza agatubutse ku kigero kiri hejuru ya 64%, bikaba byikubye inshuro enye ugereranyije n'imishinga itarimo uruhare rw'abikorera."

Yagaragaje kandi ko IFAD ikomeje gukorana na za Guverinoma ndetse n'abikorera mu gushora imari mu ruhererekane rw'ibiribwa n'ubuhinzi hakiri kare, aho inzitizi ziba zikiri nyinshi kandi umusaruro n'amahirwe yo guhindura ubuzima bikaba biri hejuru cyane.

Yakomeje agaragaza ko iyo uhuje gutanga inkunga cyangwa inguzanyo, hakabaho gusangira ibyuho n'ibihombo, gutanga ubufasha bwa tekiniki, ubwo bufatanye burushaho kwagura amahirwe yo kugera ku nguzanyo by'umwihariko kuri ba rwiyemezamirimo bo mu cyaro, abahinzi baciriritse ndetse n'urubyiruko n'abagore.

Dr. Mukeshimana yanagaragaje ko IFAD iri hafi gutangaza indi nkunga ya miliyoni 10 z'amadolari ya Amerika agamije gushyigikira iterambere ry'ubuhinzi buto n'ubuciriritse bushingiye ku buhinzi. Yagaragaje kandi ko inkunga ya IFAD itagarukira gusa ku kongera umusaruro w'ubuhinzi gusa ahubwo inashyigikira uruhererekane rwose rw'ibikenewe ngo umusaruro w'ubuhinzi utange inyungu kandi ube ufite ubudahangarwa.

Yavuze ko banafasha ibikorwa remezo bijyanye n'ubuhinzi n'ubucuruzi bw'umusaruro wabwo, bashyigikira ibikoresho n'ikoranabuhanga ryifashishwa mu buhinzi, bagashyigikira kongera ubumenyi muri urwo rwego ndetse bakanahuza abahinzi n'amasoko y'umusaruro wabo.

Yagaragaje ko Afurika yamaze kugaragaza ko guteza imbere uruhererekane rw'ibiribwa bishoboka, ko igikenewe kuri ubu ari ukongera imbaraga, gushyira mu ngiro ibisabwa ku muvuduko ukenewe mu kwimakaza ubuziranenge mu bikorwa byose.

Hagati aho, ku mugoroba wo ku wa Kane, Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yagiranye ibiganiro na Dr. Mukeshimana na Madamu Nardos Bekele-Thomas, Umuyobozi w'Ikigo cy'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe gishinzwe Iterambere (AUDA-NEPAD), byibanze ku kurushaho kwimakaza ubufatanye bugamije kwihutisha iterambere ry'ubuhinzi muri Afurika, umutekano w'ibiribwa ndetse no kubaka ubudahangarwa.

Hari nyuma y'ibiganiro yagiranye n'urubyiruko rwa Afurika rwitabiriye Inama ya 20 yiga ku ruhererekane rw'ibiribwa n'ubuhinzi muri Afurika (AFS 2026), aho yashimangiye ko Leta zifite uruhare rukomeye mu gushyigikira abafite ubumenyi n'ubushobozi bwo gukora ibiteza imbere uruhererekane rw'ubuhinzi n'ibiribwa muri Afurika.

Yavuze kandi ko uru rwego rwagutse cyane ku buryo buri wese yabonamo amahirwe bitewe n'ibyo akunda gukora mu guharanira ko ibiribwa bifatwa nk'ubuzima bwite bwa muntu birushaho kongerwa no kuboneka mu buryo burambye.

# Harimo uw'ibisate 8: Imiterere y'umuhanda Prince House-Cyamitsingi-Masaka uri kwagurwa



Umuhanda Prince House-Cyamitsingi-Masaka urimo kwagurwa

ZIGAMA Theoneste

***Umuhanda Prince House-Cyamitsingi-Masaka watangiye kwagurwa, aho hari ibice bizakorwa mu buryo bw'igerekeranye, ndetse kimwe mu bice byawo kikazagira ibisate umunani, mu rwego rwo kugabanya umubyigano w'ibinyabiziga no kunoza urujya n'uruza rw'imodoka rukunze kuhagaragara.***

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubwikorezi (RTDA) cyatangaje ko imirimo yatangiye, aho umuhanda uzakorwa mu gihe ukomeje gukoreshwa n'abawunyuramo. Umuyobozi ushinzwe Imishinga yo mu Mijyi n'Ihuza u Rwanda n'ibindi bihugu muri RTDA, Bahunde Yves Havugimana, yavuze ko imirimo izakorwa mu byiciro kugira ngo urujya n'uruza rw'ibinyabiziga rukomeze kubaho.

Yavuze ko hari ibice by'umuhanda bizajya bifungwa by'agateganyo mu gihe imirimo iri gukorerwamo, hakashyirwaho uburyo bwo gutandukanya igice gikoreshwa n'ibinyabiziga n'ikiri gukorerwamo.

**Harimo igice cy'umuhanda kizagira ibisate umunani**

Bahunde yavuze ko igice cya Prince House-Cyamitsingi kigizwe n'ibice bibiri, aho hari ahazubakwa ikiraro kinini ndetse n'imihanda izagikikiza. Ati: "Icyiciro cyo kuva hano, Prince House, ujya ku Cyamitsingi na cyo kirimo ibice bibiri. Kuva hano ukagera ahahoze KFC, hazaba hari ikiraro kigera ku Cyamitsingi."

Yavuze ko icyo kiraro kizagira ibyerekezo bibiri bigari, aho buri cyerekezo kizaba gifite ubugari burenga metero eshanu. Ati: "Aka gace ka mbere k'igice cya mbere cy'umushinga kazaba gafite imihanda itandatu, ariko iyo ku kiraro ni imihanda migari."

Yakomeje asobanura ko ahahoze KFC, mu gice gikomeza kigana ku Cyamitsingi, hazaba umuhanda uca munsi y'ikiraro, ugamije gutandukanya ibinyabiziga bizajya bica munsi yacyo n'ibizajya mu masangano y'ahazwi nko mu Giporoso. Ati: "Uwo muhanda uzaba ufite ibisate bine, bibiri mu cyerekezo kimwe n'ibindi bibiri mu kindi. Hazongerwaho n'ibindi bibiri bibiri biri hejuru, bivuze ko hazaba hari umuhanda ufite ibisate umunani."

Bahunde yavuze ko kuva ku wa 30 Kanama 2026, imirimo izakorwa mu buryo bwo gukoreshwe n'ibinyabiziga n'abagenzi hafi kimwe cya kabiri cy'umuhanda, mu gihe ikindi gice kizaba kiri gukorwa. Ati: "Kuva ku wa 30 Kanama tuzakora hakoreshwa kimwe cya kabiri cy'umuhanda. Kugira ngo ibyo bikunde kandi bikorwe mu buryo butekanye, abantu bazatandukanya igice kirimo gukoreshwa n'aharimo gukorwa."

Yavuze ko ibikoresho by'ibanze bikenewe mu mirimo biri gukusanywa, kugira ngo imashini zizakora uwo muhanda zizashyirwemo kandi imirimo ikomeze nta nkomyi. Muri iki gihe, RTDA irasaba abatwara ibinyabiziga gukomeza gukoresha indi mihanda iboneka hafi y'ahakorerwa imirimo, mu rwego rwo kugabanya umuvundo.

Bahunde yavuze ko hari n'inzira zagenewe gufasha abagana cyangwa bava ku Kibuga Mpuzamahanga cy'Indege cya Kigali. Ati: "Iyo umuntu agarutse agana nko mu Giporoso ntabwo agera kuri Feux rouge. Ahubwo hari amarembo mashya yo ku kibuga cy'indege, akaba ari yo umuntu aca iruhande. Aho umuhanda uri gukorwa urenda no kurangira hazashyirwamo kaburimbo."

Yavuze ko iyo nzira izafasha abatabashije gukomeza gukoresha umuhanda munini uri gukorwa, bakanyura hafi y'uruzitiro rw'ikibuga cy'indege, bakagera ku marembo manini yacyo, hanyuma bagakomeza mu muhanda munini. Ati: "Ibyo bizafasha ko abagiye ku kibuga cy'indege batakererwa."

**Abaturage bishimiye kwagurwa k'uwo umuhanda**

Abasanzwe bakoresha umuhanda Remera-Prince House-Masaka bavuga ko bari bamaze igihe bahura n'umubyigano ukabije w'ibinyabiziga, bikabangamira urujya n'uruza. Uwitwa Harerimana Jean Baptiste yavuze ko kwagura uyu muhanda ari igikorwa cyari gikenewe, ariko asaba ko imirimo yakwihutishwa. Ati: "Uyu muhanda ni byiza kuba bawukoze muri iyi minsi, ariko ntibanatinde nanone, kuko mbona gutinda byateza ikindi kibazo kurusha ikiriho ubu."

Ukunzwe Jean Paul, utwara abagenzi kuri moto, yavuze ko kuba umuhanda wari muto byatumaga batinda mu ngendo. Ati: "Umuntu atega moto agira ngo yihute. Niwuzura bizaba byiza cyane. Uwagenewe bisi uzaba uzwi, kuko umuhanda uzaba wabaye munini."

Gasana Alexis, umushoramari ukorera kuri uyu muhanda, yavuze ko umubyigano w'ibinyabiziga watumaga ibikorwa by'ubucuruzi bidindira. Ati: "Umubyigano w'imodoka wabaga muri ayo masaha wabaga uteye ubwoba. Natwe dukorera aha ntabwo twabaga dushobora kujya mu isoko ry'i Kabuga kubera umubyigano, ariko umuhanda nuramuka waguwe izo mpungenge zizaba zivuyeho."

Biteganyijwe ko imirimo yo kwagura umuhanda Remera-Prince House-Masaka izamara imyaka ibiri n'igice, ikazatwara asaga miliyari 95 z'amafaranga y'u Rwanda.

Uretse ayo mafaranga azakoreshwa mu mirimo yo kubaka no kwagura umuhanda, haziyongeraho asaga miliyari 39 Frw azatangwa nk'ingurane ku bafite ibikorwa remezo n'imitungo byari ahazagurirwa uyu muhanda.





# Impamvu abana bakwiye kwiga ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere bakiri bato

MICOMYIZA Fidele Barinda

***Umuryango RWACHI (Rwanda Women Adolescent and Child Health Initiative), wita ku buzima bw'umubyeyi, urubyiruko ndetse no kurengera umwana, uhamya ko umwana akwiriye kwiga ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere akiri muto kuko bimufasha gusobanukirwa umubiri we, kumenya uburenganzira afite, gutandukanya imyitwarire iboneye n'ihohoterwa, kumenya uwo yabwira igihe ahuye n'ikibazo no kumenya aho yasaba ubufasha.***




Ni byiza ko ababa basobanurirwa ubuzima bw'imyororokere bakiri bato

Umuyobozi wa RWACHI, Nsengiyumva Jacques, yabigarutseho mu kiganiro yagiranye na Imvaho Nshya, ubwo yagaragazaga ubufatanye bw'uyu muryango ndetse n'abafatanyabikorwa barimo Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Uburezi, Ubumenyi n'Umuco (UNESCO), n'abandi bagira uruhare mu gutegura integanyanyigisho, mu kongerera imbaraga iyi ngingo mu burezi bityo abana bagasonanukirwa ubuzima bw'imyororokere bakiri bato.

Ibi byaje nyuma y'uko ubushakashatsi bushya ku buzima n'imibereho y'abaturage mu Rwanda, DHS 2025, bugaragaza ko 8% by'abakobwa bafite imyaka iri hagati ya 15 na 19 bigeze gutwita.

Muri bo, 6% bari barabyaye umwana muzima, abatageze kuri 1% inda zabo zavuyemo, mu gihe 2% bari batwite igihe ubushakashatsi bwakorwaga.

Nsengiyumva yavuze ko iyo umunyeshuri ahabwa ubumenyi bukwiye kandi agahindura imyumvire, aba ashobora kugira uruhare mu kwirinda ihohoterwa no gufasha n'abandi.

Ati: "Muri DHS 2025 byagaragaye ko ikibazo cy'inda ziterwa abangavu, ijanisha ryavuye kuri 5% rigera ku 8%, nubwo hari byinshi byakozwe na Leta y'u Rwanda,kuko byarashobokaga ko ryari kuva kuri 5% rikajya kuri 20%, ariko hari byinshi byakozwe byiza ariko bigikeneye imbaraga."

Yavuze ko muri iyo mibare abana bagenda bata ishuri, bagira ibyago byinshi byo guhura n'ibibazo by'inda ziterwa abangavu, ihohoterwa rikorerwa ku gitsina n'ibindi bibazo, mu mashuri abanza na bo, abatagira amahirwe yo gukomeza ngo bagere mu yisumbuye na bo abarenga 12% bahuye n'iki kibazo, ariko mu yisumbuye bo ni 3,7%.

Ati: "Aha rero nkuko dufite porogaramu nziza ya Perezida wa Repubulika, y'uburezi kuri bose, abanyeshuri benshi, abana, urubyiruko bose bari ku ishuri, ni yo mpamvu turi kureba uko twafatanya twese kuko Leta ni twebwe dufatanyije twateza imbere imyigishirize y'ubuzima bw'imyororokere mu bigo by'amashuri ariko no mu baturage".

Yakomeje agira ati: "Iyo uteje imbere urubyiruko, ugateza imbere umunyeshuri akazamuka yarahinduye imyumvire uba uteje imbere Igihugu, abanyeshuri bose baramutse bazamutse neza, bakiga neza, ibijyanye no kurwanya ihohoterwa ribakorerwa, ihohoterwa rikorerwa ku gitsina, akamenya uburenganzira bwe, kudahohoterwa ku ishuri no mu muryango, uwamukoreye ihohotera akabivuga, akigishwa ihohotera ritandukanye, ava ku ishuri akigisha n'abandi.

Abanyeshuri ni bo bazavamo abarezi, abayobozi , ababyeyi, nabandi niyo mpamvu abakiri bato uhereye ku mashuri bakwiriye kwigishwa ubuzima bw'imyiororokere."

Ntibizerwa Janvier, Umukozi wa REB mu ishami rishinzwe integanyanyigisho by'umwihariko akaba n'umwe mu bahugura kuri porogaramu ishinzwe gufasha abana kwimenya mu buzima bwabo bw'imyororokere.

Yagize ati: "Abana bakwiriye guhabwa amasomo ku buzima bw'imyororokere bakiri bato kuko n'izamuka ry'iyi mibare y'inda zatewe abangavu ryatewe n'icyorezo cya Corona Virus cyatumye amashuri ahagarara, abana bari bari mu rugo kandi ku ishuri ariho baba barinzwe ibirangaza cyane."

Yakomeje avuga ko itangazamakuru risigaye riha abana amakuru mu buryo butandukanye kandi mu buryo bworoshye nka TikTok, ahantu hose amajwi n'amashusho basakaza ibintu umwana ashobora kugirira amatsiko ariko bitamwubaka.

Yakomeje agira ati: "Guhera ubwo integayanyigisho ishingiye ku bushobozi yajya ahagaragara, twagerageje guhugura abarimu, ariko kwigisha n'uguhozaho, hari abo twahuguye bakiri mu kazi bagiye mu yindi mirimo".

Yunzemo ati: "Hari abashya binjira mu kazi, ubu dufatanyije n'abandi bafatanyabikorwa tugiye kureba uburyo twongera amahugurwa, hari ayo turi gutegura azaba muri uku kwa 9 y'abarimu bigisha amashuri y'imyuga dufatanyije na Imbuto Foundation".

Yahamije ko amahugurwa y'abarezi bo mu mashuri abanza na yo arateganyijwe, "si ukwigisha gusa hari no kurebera hamwe ni gute izi nyigisho bazazivanga n'amasomo yabo asanzwe ya buri munsi aha tuzakorana na NESSA, n'abandi bafite mu nshingano gukurikirana amashuri"

Dr Ben Alexandre Mpozembizi, umuhuzabikorwa wa UNESCO muri gahunda ya Our Rights, Our Lives, Our Future, mu Rwanda, yavuze ko mu rwego rwo gukumira ihohoterwa rikorerwa abana, cyane cyane abangavu, bisaba ko abana basobanurirwa ubuzima bw'imyororokere bakiri bato bityo ko abarimu bahabwa ubumenyi ku buryo bwo kuganiriza abanyeshuri ku buzima bw'imyororokere hakurikijwe imyaka yabo.

Ati: "Kugeza ubu, abarezi 11 622 bamaze guhugurwa muri iyi gahunda, barimo 650 baturuka mu mashuri nderabarezi. Hari kandi gukomeza guhugura abandi barimu kugira ngo ubumenyi bugere ku bice bitandukanye by'igihugu".

Mpozembizi avuga ko intego atari uguha abana amakuru gusa, ahubwo ari ukubafasha kumenya uburenganzira bwabo no kubaka ubushobozi bwo kwirinda ihohoterwa.

Ati: "Ibi kandi bigaragaza ko uruhare rw'umwarimu rudakwiye kugarukira ku gutanga amasomo asanzwe, kuko ishuri ari hamwe mu hantu umwana ashobora kubona amakuru n'ubufasha igihe ahuye n'ikibazo."

UNESCO kandi ivuga ko ifite gahunda yiswe PCC, Parent-Child Communication, igamije guhugura ababyeyi ku buryo baganiriza abana babo ku buzima bw'imyororokere hakurikijwe ikigero cy'imyaka yabo.

Ni gahunda yatangiriye mu Turere twa Kamonyi, Gicumbi na Nyagatare, ikomereje n'ahandi hose mu gihugu, aho ababyeyi bahabwa ubumenyi bwo kurushaho kuganira n'abana babo ku bibazo bashobora guhura na byo uko bakura.

# Haracyakenewe ko kurwanya indwara zitandura byakomeza gushyirwa mu bikorwa

NYIRANEZA Judith

***Ihuriro ry'Imiryango irwanya Indwara zitandura (RNCDA) rishima intambwe imaze guterwa binyuze mu buryo Minisiteri y'Ubuzima, yashyizeho gahunda zo kwegereza abantu ubuvuzi. Harimo no gupima indwara zitandura ku buntu kandi rikifuza ko kurwanya izo ndwara byava mu mihigo bigakomeza gushyirwa mu bikorwa.***

Byagarutsweho mu Nama yo ku rwego rw'Igihugu yabaye ku nshuro ya mbere, ku wa Gatanu tariki ya 4 Nzeri 2026, igamije kungurana ibitekerezo ku buryo kurwanya indwara zitandura byava mu mihigo, bigashyirwa mu bikorwa, binaba umwanya wo gusuzuma uko u Rwanda ruhagaze mu kurwanya izo ndwara.

Ihuriro ry'imiryango irwanya indwara zitandura mu Rwanda (RNCDA: *Rwanda NCD Alliance*) washimiye abafatanyabikorwa batandukanye mu rwego rw'ubuzima, harimo Minisiteri y'Ubuzima binyuze mu Kigo cy'Igihugu cy'Ubuzima (RBC), bamwe mu bahagarariye abarwayi n'imiryango bibumbiyemo barebeye hamwe ibimaze kugerwaho mu guhangana n'izo ndwara n'ingamba nshya zigomba gushyirwa mu bikorwa. Insanganyamatsiko y'iyo nama yagiraga iti 'Tuve mu ntego dushyira mu bikorwa'.

Umwe mu barwayi batanze ubuhamya yavuze ko kuri ubu ashima uko Leta ibitaho, ati: "Nafashwe nshika intege, nzungera, nza gusanga ndwaye umuvuduko na Diyabete, ndiyakira. Ubu nywa imiti buri munsi, nshima ko Leta itwitaho kandi inama abaganga baduha ziradufasha.

RNCDA batugira inama yo kuba hamwe, muri ziriya ndwara uriheba, hari igihe uba wumva utajya mu bandi, uba ufite umutima utari mwiza, kubera ububabare, kubera uburibwe. Icyabaye cyiza ni ugukurikiza inama za muganga, bifasha kuva mu bwigunge, turaganira, turashyikirana."




Prof. Mucumbitsi Joseph yavuze ko hari intambwe yatewe mu birebana no guhangana no kuvura indwara zitandura

Prof. Joseph Mucumbitsi uhagarariye Ihuriro ry'Imiryango irwanya Indwara zitandura mu Rwanda yavuze ko hari intambwe yatewe mu guhangana n'izo ndwara.

Yagize ati: "Igenamigambi ry'indwara zitandura ry'imyaka 5 ryarangiye umwaka ushize (2020-2025) ryasize hamaze kugerwa kuri byinshi kandi nka sosiyete sivile twagizemo uruhare n'ubukangurambaga, navuga yuko mu byo twasabaga muri izo gahunga zose, harimo cyane cyane kugira ngo abarwayi bagerweho n'ubuvuzi batagombye gutanga amafaranga menshi, Mituweli isigaye yishyura indwara zitandura, kandi ni ubuvuzi buhenze."

Yakomeje agira ati: "Mu byo zisize bikomeye ni uko mu bikorwa by'ubuvuzi 14 bongeyeho umwaka ushize washyizwe mu bikorwa bikishyurwa na Mituweli harimo ubuvuzi buhenze nko kubaga umutima, gusimbura impyiko n'izindi ngingo nk'amagufwa yo mu matako, ibyo byose ni ibintu bihenze."

IInama igirwa buri wese ni uko habaho kwirinda ibyatera indwara zitandura, kuko kwirinda biruta kwivuza, kandi ubuvuzi bwazo buhenda.

# U Rwanda mu bihugu 29 byitabiriye imurikagurisha muri Mozambique




Abanyarwanda bamuritse ibikorerwa mu Rwanda

NTAWITONDA Jean Claude

***Ku Butumire bwa Guverinoma ya Mozambique, u Rwanda ruri mu bihugu 29 byitabiriye Imurikagurisha Mpuzamahanga ry'Ubucuruzi rya 61 (International Trade Fair 2026 (FACIM) ryatangiye guhera tariki ya 31 Kanama, risozwa ku ya 05 Nzeri 2026.***

Ni imurikagurisha ryabereye mu Karere ka Marracuene, mu Ntara ya Maputo, ryafunguwe ku mugaragaro na Perezida wa Repubulika ya Mozambique, Daniel Francisco Chapo, mu gihe Ambasaderi w'u Rwanda mu gihugu cya Mozambique, Col. (Rtd) Donat Ndamage ari we wahagarariye u Rwanda mu muhango wo gutangiza iryo murikagurisha.

Abanyarwanda bitabiriye iryo murikagurisha bishimiye gusurwa na Perezida Chapo ku kibanza bamurikiraho ibicuruzwa bitandukanye bakuye mu Rwanda, aho bizeye kurushaho kwagura amasoko y'ibicuruzwa bakorera mu Gihugu.

Muri uyu mwaka ibigo, byo muri Mozambique byitabiriye iryo murikagurisha birarenga 2 300 ndetse n'abamurika baturutse mu bihugu 29 basaga 600, barimo n'abaturutse mu Rwanda.

Perezida Chapo yashimiye abamurika bitabiriye iki gikorwa, baba abo mu gihugu ndetse n'abaturutse mu mahanga agira, ati: "Ibyo mwagezeho bishimangira ko kugera ku mutungo muzima bidashingira ku kohereza ibicuruzwa mu mahanga gusa, byagaragariye Isi ko Mozambique ifite ubushobozi bwo gutanga umusaruro, guhangana ku masoko ndetse no gutsinda."

Abitabiriye baturutse mu Rwanda ni ba rwiyemezamirimo mu byiciro bitandukanye barimo abatunganya umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi (agro-processing), ibikozwe mu ruhu (inkweto n'amasakoshi), ndetse n'ibikomoka ku mavuta (cosmetics), cyane cyane amavuta y'umusatsi.

Byose biramurikwa hagamijwe kwerekana ibikorerwa mu Rwanda kugira ngo bibe byagurishwa mu gihugu cya Mozambique ndetse no kureba andi mahirwe y'ishoramari.

Abateguye irimurikagurisha bavuga ko ryitezweho gufasha Mozambique kwinjiza nibura miliyari 7,5 z'amadolari ya Amerika nk'uko bikubiye mu ntego y'amadovize agomba kwinjizwa muri uyu mwaka aturutse mu byoherezwa mu mahanga.

Iyi mibare iteganywa mu gihe Guverinoma y'icyo gihugu ihamya ko mu mwaka wa 2025 Mozambique yohereje mu mahanga ibifite agaciro ka miliyari 7,5 z'amadolari mu gihe ibyo yinjije mu gihugu na byo byari bifite agaciro ka miliyari zikabakaba 7 z'amadolari ya Amerika.

Muri uyu mwaka, abateguye iri murikagusisha mpuzamahanga biteze kugeza kuri iyo ntego babishingiye ku bicuruzwa gakondo n'umusaruro unyuranye w'ubuhinzi ndetse no kwagura amafaranga yinjizwa n'urwego rwa serivisi. Mu gihembwe cya mbere cy'uyu mwaka, iki gihugu cyohereje mu mahanga ibifite agaciro ka miliyari 3,5 z'amadolari ya Amerika, bikaba bitanga icyizere ko intego izagerwaho.

Iryo murikagurisha ribonwa nk'urubuga ruhagije ruhuza abahinzi borozi ba Mozambique, abashoramari, abaguzi n'abafatanyabikorwa Mpuzamahanga, hagamijwe kwagura amahirwe y'ubufatanye no kohereza ibicuruzwa mpuzamahanga.

Mu bamurika harimo abaturutse ku mugabane w'u Burayi, Aziya, Amerika y'Epfo, mu Burasirazuba bwo Hagati, bose bakaba babonwa nk'amarembo afunguye yo kurushaho kwagurira amahirwe abacuruzi n'abashoramari bo muri Mozambique mu nzego zitandukanye.

Biteganywa ko iri murikagurisha rizitabirwa n'abasaga 55 000 muri iyo minsi itandatu rizamara, aho bazaba birebera byinshi mu byiciro bimurikirwamo ikoranabuhanga, ubuhinzi, ubworozi, ubukungu bushingiye ku mazi, ndetse n'abacuruzo bato n'abaciriritse.





# Kubungabunga ibidukikije ni imwe mu nzira y'iterambere - Minisitiri w'Intebe




Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin, yasabye abaturage baturiye Pariki y'Ibirunga gukomeza kuyibungabunga

NGABOYABAHIZI Protais

***Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin, yasabye abaturage baturiye Pariki y'Ibirunga gukomeza kuyibungabunga no kwita ku binyabuzima biyirimo, avuga ko kubungabunga ibidukikije ari imwe mu nzira zo guteza imbere imibereho y'abaturage n'igihugu muri rusange.***

Ibi yabigarutseho ubwo hizihizwaga umuhango wo Kwita Izina abana b'ingagi 22, wabereye i Kinigi mu Karere ka Musanze ku nshuro ya 21.

Minisitiri w'Intebe yashimiye abaturage bo mu Ntara y'Amajyaruguru uruhare bagira mu kwakira abashyitsi no gutegura ibikorwa bijyanye n'umuhango wo Kwita Izina, abagezaho ubutumwa bwa Perezida wa Repubulika, Paul Kagame.

Yagize ati: "Intore izirusha intambwe, Nyakubahwa Paul Kagame yantumye kandi ngo mbizeze ko Guverinoma, na we ku giti cye, bazakomeza kubaba hafi no kubashyigikira kugira ngo muzamure imibereho yanyu ya buri munsi."

Yongeyeho ati: "Dukeneye gukomeza gufatanya kubungabunga ibi byiza Imana yaduhaye, kugira ngo twese tuzabibonemo inyungu."

Minisitiri w'Intebe yavuze kandi ko kubungabunga Pariki y'Ibirunga n'ibinyabuzima biyirimo bidakwiye gufatwa nk'inshingano z'abayobozi cyangwa inzego zishinzwe kubungabunga ibidukikije gusa, ahubwo ko abaturage bayituriye ari bo ba mbere bakwiye kubigiramo uruhare kuko ari na bo bungukiramo.

Yagize ati: "Ejobundi mwabonye umudugudu twatangiye kubaka, aho tuzubaka inzu zigera kuri 547 zizaturwamo na bamwe muri mwe. Gahunda ya Leta ni uko namwe inyungu ziva muri ibi bikorwa byo kubungabunga ingagi n'amapariki twese zizatugeraho."

Yongeyeho ko gukomeza gushyira hamwe no kubungabunga umutungo kamere bizafasha abaturage gutera imbere, ashimangira ko ibyiza biri imbere".

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Mugabowagahunde Maurice, yashimiye Leta y'u Rwanda ku ruhare ikomeje kugira mu kubungabunga Pariki y'Ibirunga, avuga ko kuba umuhango wo Kwita Izina ubereye mu Ntara y'Amajyaruguru ari ishema kandi bikaba n'umwanya wo kurushaho gushishikariza abaturage kubungabunga ibidukikije.

Yavuze ko binyuze muri gahunda yo gusaranganya n'abaturage umusaruro ukomoka ku bukerarugendo, abatuye hafi ya Pariki y'Ibirunga bamaze kubona ibikorwa bitandukanye bigamije kuzamura imibereho yabo.

Muri ibyo bikorwa harimo kubaka inzu, gutanga amatungo, kubaka amavuriro n'amashuri, ndetse no gutera inkunga imishinga y'abaturage.

Guverineri yavuze ko imishinga 740 y'abaturage yatewe inkunga n'amafaranga arenga miliyari 8, ikorerwa mu Mirenge 12 ikora kuri Pariki y'Ibirunga mu Turere twa Rubavu, Musanze na Nyabihu.

Yashimangiye ko inyungu ziturika mu bukerarugendo zikomeje gushyirwa mu bikorwa bigamije guteza imbere imibereho y'abaturage.

Guverineri kandi yashimiye abaturage uruhare bagira mu kurinda Pariki y'Ibirunga, agaragaza ko mu minsi ishize bagize uruhare mu kuzimya inkongi yibasiye agace ka Pariki y'Ibirunga.

Yashimiye kandi Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) n'abafatanyabikorwa mu bikorwa byo kurinda no kubungabunga Pariki y'Ibirunga no guteza imbere abaturage bayituriye.

Bamwe mu baturage baturiye Pariki y'Ibirunga bavuga ko imyumvire yabo ku kubungabunga pariki yahindutse bitewe n'inyungu z'ibikorwa by'ubukerarugendo bagenda babona.

Nkunzimana Eliab wo mu Murenge wa Kinigi avuga ko mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abaturage bo muri aka gace batabonaga inyungu ziturika muri Pariki, bigatuma bamwe bayibona nk'umutwaro.

Yagize ati: "Mbere imiyoborere itaraba myiza ngo igere kuri buri muturage mbere ya 1994, twabonaga Pariki y'Ibirunga nk'umutwaro kuko inyamaswa zazaga kutwonera ntiduhabwe ingurane, nta nyungu twakuragamo."

Avuga ko uko imiyoborere yagiye ihinduka, ari na ko abaturage batangiye kubona uruhare bafite mu nyungu ziturika ku bukerarugendo.

Yagize ati: "Ariko kugeza ubu iyo umwaka ushize tubona inyungu ingana na 10% by'umusaruro winjiye ku bukerarugendo ni igikorwa cyiza kigaragaza imiyoborere myiza aho inyungu zigera kuri buri wese."

Nkunzimana avuga ko ibyo bituma abaturage barushaho kugira uruhare mu kubungabunga Pariki. Yagize ati: "Tuzakomeza kwita kuri Pariki y'Ibirunga, twirinda icyayihungabanya. Ikindi, Kwita Izina ni umwanya w'ubusabane."

Mukankomeje Daphrose wo mu Murenge wa Cyanika na we avuga ko ubuzima bw'abaturage baturiye Pariki y'IIgihugu y'Ibirunga bwahindutse ugereranyije n'uko byahoze.

Yagize ati: "Mbere inyungu yavaga muri iyi Pariki byari ukujya kwibamo imigano, guhakuramo ubuki, ubundi tugatega imitego kugira ngo inyamaswa zigwemo tubone inyama n'impu tugakuramo amafaranga atagize icyo atumarira." Ariko kuri ubu dukuramo inyungu rusange, harimo amashuri abana bacu bigiramo kandi hafi, imidugudu myiza irimo inzu zijyanye n'igihe, aho umuntu yivuriza ku irembo."

Mukankomeje avuga ko mbere y'uko habaho impinduka mu miyoborere y'Igihugu, abaturage babonaga ibirunga nk'imisozi n'amashyamba gusa, ariko ubu bakaba basigaye babona uruhare rwa Pariki mu iterambere ryabo.

Yagize ati: "Twishimira kandi ko umuhango wo Kwita Izina ari ingenzi kuko udusigira amafaranga, ibintu bitabagaho kuri twe, tutanatekerezaga ko Pariki yagira icyo iduha."

Abaturage bavuga ko uko inyungu z'ubukerarugendo zikomeza kubageraho, ari ko n'umuhate wo kurinda Pariki y'Igihugu y'Ibirunga n'ibinyabuzima biyirimo urushaho gukomera.

# Kirehe: Abagore bakora uburobyi bahamya ko bwabateje imbere



Busasi Jeannette, ni umwe mu bagore b'abarobyi uvuga ko uburobyi bumutungiye umuryango

HITIMANA Servand

***Bamwe mu bagore bo mu Karere ka Kirehe bakora umwuga w'uburobyi bw'amafi bavuga ko ako kazi kabatunze ndetse kabafasha mu nzira yabo y'iterambere aho bikenura ndetse bagatanga umusanzu mu kuzamura imiryango yabo.***

Abo bagore bavuga ko batangiye uyu mwuga hari ababaseka ko batabishobora ndetse yemwe na bo ngo hari abari batifitiye icyizere gusa ngo baje kuba abanyamwuga ndetse ibyo bakora bikaba bitanga umusaruro.

Mukanyirigira Anne Marie yagize ati: "Natangiye aka kazi banseka kuko akenshi imirimo ikorerwa mu mazi yakorwaga n'abagabo aho bisaba no kubanza kumenya koga ku buryo washobora guhangana n'ikiza cyatunguranа. Narabikoze ndabishobora aho kugeza ubu ndi umwe mu barobyi b'abahanga batiganyira.

Ni akazi bahamya ko kabateza imbere aho imiryango yabo yahinduye imibereho yabo mu buryo bw'ubukungu ndetse n'imibereho myiza

Busasi Jeannette, umwe mu bagore bakora uburobyi muri koperative ya COADUNA ikorera mu biyaga bya Nasho Cyambwe na Rwampanga avuga ko uyu mwuga wamufashije kwiteza imbere no kwita ku muryango we.

Yagize ati: "Uyu mwuga twawugiyemo bamwe tutifitiye icyizere ko tuzawushobora ariko uyu munsi ni umusingi ukomeye mu mibereho y'umuryango wanjye. Ni umwuga umpa amafaranga atuma niteza imbere ndetse ukanamfasha mu mibereho myiza kuko abarobyi tugenerwa n'amafi yo kurya, bituma tugira imirire myiza mu bana ndetse n'abakuru, ndetse tukaba tutarwaza bwaki." Iyo koperative irimo abagore 25 bakora aka kazi.

Mukamana Rose agira ati: "Kumenya umutungo uri muri aya mazi byambereye igisubizo gikomeye. Nari mu muryango ukennye ariko aho nziye nagiye ninjiza amafaranga ubu dufite inzu ya miliyoni 7.

Ibi kandi biza bisanga ibindi bikorwa byo mu rugo nkesha ubu burobyi aho naguze ihene eshatu ndetse ubu nkaba mperutse kugura inka y'ibihumbi 600 Frw."

Mukanyirigira Antoinette ashimira ubuyobozi bwatinyuye abagore bakajya mu mirimo bahariraga abagabo ubu ikaba iri kubateza imbere.

Ati: "Ni iby'agaciro gakomeye kuba Leta yaradushishikarije kwitinyuka tugakora imirimo nk'iyi yaharirwaga abagabo. Ubu tumeze neza kuko dukoresha amaboko yacu n'ubwonko tugafatanya na basaza bacu gukora akazi nk'aka kaduteza imbere ndetse kakanazamura ubukungu bw'Igihugu.

Inaha uburobyi bw'amafi ni akazi karimo umubare munini w'abantu aho twishimira ko natwe tutasigaye inyuma kandi birimo kutuzamura."

Imibare y'Akarere ka Kirehe igaragaza ko buri mwaka habarurwa umusaruro w'amafi ugera kuri toni 350, uboneka mu biyaga bya Nasho, Cyambwe na Rwampanga, mu mugezi w'Akagera ndetse no mu byuzi bihangano (Valley Dams) birimo Sagatare, Kinoni I, Kinoni II, Nyamugari no muri Kareremba mu Murenge wa Mahama. Ni uburobyi butanga toni zigera kuri 250 ku mwaka.

Umuyobozi w'Akarere ka Kirehe, Rangira Bruno, avuga ko Akarere gafite amahirwe menshi aturuka ku biyaga, ku mugezi w'Akagera no ku byuzi bihangano, ariko ko hakiri gahunda yo guteza imbere ubworozi bw'amafi mu buryo bwa kijyambere.



Uburobyi ni umwuga ubatunze n'imiryango yabo

Ashima kandi abagore bafashe iya mbere mu kujya muri uyu mwuga kuko batanga umusanzu wabo mu kuwuteza imbere no guhindura imibereho y'imiryango yabo.

Yagize ati: "Dufite ibiyaga, dufite umugezi w'Akagera ndetse n'ingomero zifasha mu kubika amazi no kuhira imyaka. Intego yacu ni ukuzibyaza umusaruro kurushaho binyuze mu guteza imbere ubworozi bw'amafi bwa kijyambere. Aha tunishimira ko ari akazi kitabirwa n'abagabo n'abagore aho abagore bakagiyemo bituma bahindura imibereho y'imiryango yabo ikarushaho kuba myiza."

Leta y'u Rwanda ikomeje gushora imari mu guteza imbere ubworozi bw'amafi hagamijwe kongera umusaruro no kuzamura imirire y'Abanyarwanda. Imibare ya Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi igaragaza ko umusaruro w'amafi wageze kuri toni 52 439 mu mwaka wa 2025, uvuye kuri toni 43 133 mu 2024.

Mu rwego rwo gushyigikira uru rwego, Leta yashyizeho nkunganire ingana na 40% ku makoperative y'aborozi b'amafi ndetse igabanya inyungu ku nguzanyo zifashishwa muri uyu mwuga, ziva kuri 18% zigera ku 8%.





# Musanze: Uwahoze ari rushimusi ageze ku mutungo usaga miliyoni 100 Frw




Hakizimana avuga ko kubungabunga Pariki byamuhinduriye ubuzima kuruta uko yajyagamo agiye kuyangiza

NGABOYABAHIZI Protais

***Hakizimana Emmanuel avuga ko mu myaka yashize yajyaga muri Pariki y'Ibirunga afite imitego yo guhiga inyamaswa, akavanamo inyama, impu, ibiti, inkwi, imigano n'ubuki, ibyo yabonaga nk'inzira yo gushaka amaramuko. Ubu, uwo mugabo w'imyaka 40 wo mu Kagari ka Nyabigoma, Umudugudu wa Nyakagezi, mu Murenge wa Kinigi, avuga ko yahinduye imyumvire, Pariki ayibonamo amahirwe y'akazi n'iterambere, aho kuyibonamo aho guhiga, no gukoreramo ibikorwa bibangamira ibidukikije.***

Uyu munsi, Hakizimana ayobora ba mukerarugendo basura Pariki y'Ibirunga, akabatwaza imizigo, akabiherwa amafaranga, ndetse ibyo akura muri ako kazi akabibangikanya n'ubuhinzi bw'ibirayi. Avuga ko amafaranga yinjiza atakiyarya ngo ashire nk'uko byahoze, ahubwo ubu yamenye kwizigamira binyuze mu matsinda, afite konti muri banki kandi akabasha no gukorana n'ibigo by'imari.

Yagize ati: "Mbere iyo najyaga muri Pariki guhiga, amafaranga nabonaga narihahiraga nkarya agashira. Iyo nagurishaga inyama, impu cyangwa ibiti, amafaranga yahitaga ashira. Ubu nzi gukora, kwizigamira no gushora amafaranga mu bintu bizamfasha ejo."

Hakizimana avuga ko yahisemo kureka ibikorwa byo kwangiza Pariki nyuma y'ubukangurambaga bwagezwaga ku baturage baturiye Pariki y'Ibirunga, aho basobanurirwaga ko kuyibungabunga bishobora kubaha amahirwe yo kungukira mu bukerarugendo.

Muri ayo mahirwe harimo gutwaza ba mukerarugendo imizigo no kubaherekeza muri Pariki, ibikorwa avuga ko byamuhaye amafaranga ariko bikamufasha no kubona indi nyungu y'ingenzi: kumenya ko amafaranga ashobora kwizigama akabyara andi.

Yagize ati: "RDB yadushishikarije kubungabunga Pariki no kuyibonamo amahirwe. Batubwiye ko dushobora gutwaza ba mukerarugendo imizigo, tukajya tubaherekeza tukabona amafaranga, ndetse tunasabwa kwibumbira mu makoperative. Narabigerageje, nsanga ari akazi gafite icyo kamariye ubuzima."

Kuva ubwo, Hakizimana avuga ko yagiye amenya gukoresha neza amafaranga abonye, cyane cyane binyuze mu matsinda yo kwizigamira. Amafaranga akura mu gutwaza no kuyobora ba mukerarugendo ayashyira mu bikorwa bye by'ubuhinzi, mu kwizigamira no mu bikorwa byamufashije kugera ku mutungo avuga ko ubu urenga miliyoni 100 Frw.

Ati: "Mu mutungo maze kugeraho harimo inzu nubatse ifite agaciro ka miliyoni 18 Frw ndetse n'ubutaka bwa hegitari imwe bufite agaciro ka miliyoni 100 Frw. Nshingiye ko hari abashoramari bamaze kumenya agaciro k'aho ntuye bakaba bifuza kuhakorera ibikorwa by'ubukerarugendo, ariko nkaba ntashaka guhita mbugurisha."

Yongeyeho ati: "Hari abashoramari baza bashaka kugura ubwo butaka kugira ngo bubakemo hoteli, bakambwira amafaranga arenga ayo nabuguze. Ariko njye ntabwo nifuza guhita mbugurisha. Nshaka gukorana n'ibigo by'imari, nkubaka amacumbi cyangwa ikindi gikorwa cy'ubukerarugendo, kuko ntekereza ko ari ho nakomeza kubibyaza umusaruro, ibi byose rero mbikomora ku bijyanye no kubungabunga Pariki y'Igihugu y'Ibirunga."

Uretse ubukerarugendo, ubu Hakizimana afite ubuhinzi bw'ibirayi, aho avuga ko akoresha abakozi bagera kuri 15 kandi akabaha umushahara.

Avuga ko iyo abariye hamwe amafaranga akura mu bikorwa bye, ku kwezi ashobora kwinjiza nibura amadolari 400 ya Amerika, ahwanye n'amafaranga y'u Rwanda asaga ibihumbi 500, akura mu gutwaza no kuyobora ba mukerarugendo. Ibi bitandukanye cyane n'ubuzima yabagamo mbere, ubwo amafaranga yabonaga mu guhiga no kuvana ibikomoka muri Pariki yayakoreshaga mu buzima bwa buri munsi agahita ashira.

Hakizimana avuga ko kuba yaravuye mu bikorwa byo guhiga no kwangiza Pariki bitamuhinduriye ubuzima gusa, ahubwo byamuhaye n'ubundi buryo bwo kuyiha agaciro. Yagize ati: "Mbere nabonaga Pariki nk'aho njya gushaka icyo kurya, gucana n'ibindi. Ubu nyibona nk'aho nshobora gukorera nkabona amafaranga ntayibangamiye. Ingagi n'izindi nyamaswa zibamo ni umutungo wacu. Tugomba kuzirinda kuko iyo ba mukerarugendo bazibonye, natwe tubona akazi."

Asaba abaturage bagenzi be baturiye Pariki kudashukwa no kujya kuyangiza bashaka amaramuko y'ako kanya, ahubwo bagashaka uburyo bwo kungukira mu bukerarugendo n'andi mahirwe atangwa no kubungabunga ibidukikije.

Yagize ati: "Ndasaba abaturage bagenzi banjye kudakomeza kubona Pariki nk'ahantu ho kwangiza bashaka amaramuko. Nanjye narabikoze, ariko nabonye ko hari ubundi buryo bwiza bwo kubaho. Iyo turinze ingagi na Pariki, ba mukerarugendo baraza, tukabona akazi, amafaranga akinjira, natwe tukiteza imbere."

Mukankundiye Alivera avuga ko impinduka zabaye kuri uyu mugabo zigaragara cyane, kuko mbere yari azwiho kujya muri Pariki y'Ibirunga guhiga no kwangiza ibidukikije, ayo akuyemo akayarya amandazi azwi ku izina ry'imbada. Avuga ko Hakizimana n'abandi bajyanaga muri Pariki bakoresha imitego mu gufata inyamaswa, ndetse bakavanamo ibindi bikomoka ku bidukikije.

Yagize ati: "Hakizimana yari ruharwa mu kujya muri Pariki. Yajyaga guhiga inyamaswa, bagashyiramo imitego kandi bakangiza ibidukikije. Ariko amaze imyaka igera kuri 16 ahindutse, ubu Pariki yayigize isoko y'akazi. Ubu arakora, arizigamira kandi afite ibyo amaze kugeraho. Ni impinduka ikomeye."

Uyu muturanyi avuga ko urugero rwa Hakizimana rukwiye kubera isomo abandi baturage baturiye Pariki, kuko kubungabunga ibidukikije bishobora kubageza ku iterambere rirambye. Nubwo Hakizimana avuga ko amashuri ye yarangiriye mu mwaka wa kane w'amashuri abanza muri za 90, avuga ko guhura na ba mukerarugendo byamufashije kwiga indimi z'amahanga.

Avuga ko ubu ashobora kuvugana n'abanyamahanga mu Cyongereza, ndetse akaba yaramenye n'amagambo y'Igiswayire n'izindi ndimi. Yagize ati: "Nize amashuri make, ariko akazi ko gukorana na ba mukerarugendo katumye niga Icyongereza. Ubu ndakivuga neza kandi nshobora kuvugana na mukerarugendo nkamwakira neza. Iyo umuntu ahora ahura n'abanyamahanga, hari byinshi yiga."

Hakizimana ni umwe mu batwaza ba mukerarugendo bibumbiye muri koperative ikorera muri Pariki y'Igihugu y'Ibirunga, igizwe n'abanyamuryango bagera kuri 545. Abanyamuryango bavuga ko kwibumbira muri koperative bibafasha gukorera hamwe no kwizigamira, aho amafaranga bakura mu bikorwa by'ubukerarugendo abafasha mu kwiteza imbere no gushaka igishoro.

Bavuga kandi ko bungukira muri gahunda yo gusaranganya umusaruro ukomoka ku bukerarugendo, aho abaturage baturiye Pariki bahabwa 10% by'umusaruro w'ubukerarugendo. Aya mafaranga yagiye mu mishinga irimo amashuri, amavuriro, amazi n'amashanyarazi, bityo inyungu z'ubukerarugendo ntizigarukire ku muntu umwe.

Abaturage bashishikarizwa kwakira neza ba mukerarugendo

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Mugabowagahunde Maurice, asaba abaturage baturiye Pariki y'Ibirunga gukomeza kuyibungabunga no kwakira neza abakerarugendo basura u Rwanda. Mu butumwa yatanze mu bikorwa byo kwitegura Kwita Izina 2026, yashimangiye ko kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima bifasha u Rwanda gukomeza kwakira ba mukerarugendo, bityo abaturage bakabona amahirwe y'iterambere.

KOMEZA KU RUP.14

## Musanze: Uwahoze ari rushimusi ageze ku mutungo usaga miliyoni 100 Frw

IBIKURIKIRA URUP.13

Yagize ati: “Twese tumaze gusobanukirwa akamaro ka Pariki yacu, by’umwihariko akamaro ko ‘Kwita Izina’, kuko ari gahunda iba buri mwaka ikadufasha kurushaho kubungabunga urusobe rw’ibinyabuzima biri muri iyi Pariki, bityo bikadufasha gukomeza kwakira ba mukerarugendo.”

Guverineri asaba abaturage kandi kuzagaragaza isura nziza y’u Rwanda mu kwakira abashyitsi bazitabira Kwita Izina, bakarangwa n’isuku, ikinyabupfura, ubufatanye n’imyitwarire myiza. Asanga kwakira neza abashyitsi no kubungabunga ibidukikije bigomba kujyana, kuko ubukerarugendo bushingiye ku mutungo kamere ari kimwe mu bikorwa bifasha abaturage kubona amahirwe y’akazi n’iterambere.

Kwita Izina ku nshuro ya 21 kuzabera i Kinigi ku wa 4 Nzeri 2026, aho abana b’ingagi 22 bazahabwa amazina, mu muhango uhuriza hamwe abaturage, abafatanyabikorwa mu kubungabunga ibidukikije ndetse n’abashyitsi baturutse mu bice bitandukanye by’Isi.

Kuri Hakizimana, uyu muhango ni ikindi gihe cyo kwibutsa abaturage ko inyungu z’ingagi zitagarukira ku mukerarugendo uzireba gusa. Yagize ati: “Ingagi ni izacu twese. Iyo tuzirinze, tuba turinze akazi kacu, amafaranga yinjira mu gihugu n’iterambere ry’abaturage. Ndasaba buri wese kubungabunga Pariki kuko nanjye ubuzima bwanjye bwahindutse kubera kuyirinda.”

Ubu Hakizimana avuga ko atakibona Pariki y’Igihugu y’Ibirunga nk’ahantu ho guhiga, ahubwo ayibonamo ahantu hashobora gukomeza kumuha akazi, igishoro n’amahirwe yo guteza imbere umuryango we.

Kuva ku muntu wajyaga muri Pariki afite umutego wo guhiga, kugeza ku muntu uyijyamo atwaye imizigo y’umukerarugendo, ngo ni urugendo rwa Hakizimana yakoze rwamusabye inzira ndende kugira ngo imyumvire ye izamuke, kuri ubu akaba akorera amafaranga, akizigamira, akagira konti muri banki, agashora mu buhinzi kandi agatekereza kubaka amacumbi ya ba mukerarugendo, ni urugendo Hakizimana avuga ko rwamwigishije ko kurinda Pariki bishobora kuba uburyo bwo kwiteza imbere aho kuyangiza.

# Nyamasheke: Barashima serivisi zongewe ku ivuriro ry’ibanze rya Buvungira




Ivuriro rya Buvungira ryavunnye amaguru abarwayi, ntibagikora ingendo ndende




Ivuriro ry’ibanze rya Buvungira risigaye ritanga serivisi zisumbuyeho, byaruhuye abarigana kujya gushakira izo serivisi kure

NDOLI SITIO

***Abivuriza ku ivuriro rito rya Buvungira mu Murenge wa Bushekeri ryongerewe ubushobozi barashima serivisi nshya basigaye bahabwa kuko zatumye batongera gukora urugendo rurerure bajya kwivuza ku kigo nderabuzima.***

Ivuriro ry’ibanze rya Buvungira riri mu Mudugudu w’icyitegererezo wa Bushekeri, ryivurizwaho n’abatuye Akagari ka Buvungira n’abandi bahegereye barimo abo mu Kagari ka Ngoma, Nyarusange ndetse na Rwesero mu Murenge wa Kagano.

Bavuga ko kugira ngo ugere ku kigo nderabuzima cya Ruvumbu baturutse aho batuye bibatwara amafaranga y’u Rwanda atari munsi y’ibihumbi bine ariko kuberako hari serivisi zisigaye zitangirwa ku ivuriro ry’ibanze byatumye urugendo rugabanyuka cyane.

Mukarugwiza Thacianne, ni umubyeyi utwite, uvuga ko kuva yatwita ari ho bamukurikiranye kandi yizeye ko ariho azabyarira.

Ati: “Kuva naza ku gipimo ni hano, none dore inda igize hafi amezi arindwi, abana nabyaye mbere najyaga mbyarira ku kigo nderabuzima cya Ruvumbu mu Gisakura, urumva uvuye aho ntuye ntiyajya munsi y’amafaranga ibihumbi bibiri ariko ubu ndanyaruka hano sinarenza iminota makumyabiri.”

Ndanga Jea Marie ahamya ko mbere hari serivisi zatumaga bajya mu Gisakura ariko ubu ntabwo bahaheruka kubera bazisanga ku ivuriro ry’ibanze rya Buvungira.

Yagize ati “Urabona kuva hano ujya mu Gisakura ku kigo nderabuzima cya Ruvumbu ni amasaha abiri n’amaguru ariko ubu njyewe ntuye hano mu Mudugudu w’icyitegererezo ari naho ivuriro riri ubwo njyewe n’umugore wanjye tuza kuboneza urubyaro kandi mbere urumva najyaga kuri icyo kigo, turashima Leta yadutekerejeho.”

Mukabagema Consolate yagize ati: “ Turashima ubuyobozi bwacu bwadufashije tukabona iri vuriro kuko mbere twari dufite ivuriro rito ariko ritadufasha nk’ubu kuko ntabwo wahabyariraga ndetse ariko ubu nta kibazo maze hafi imyaka ibiri ntajya mu Gisakura ku kigo nderabuzima.”

Ntagayisha Alexis, rwiyemezamirimo wafashe iri vuriro avuga ko abo bakira ku munsi biyongereye hafi kwikuba kabiri ndetse serivisi batanga zikaba zariyongereye cyane.

Ati: “Ubu hano dutanga serivisi nyinshi zirimo kubyaza, ibitaro, kuboneza urubyaro, kuvura abana, gutanga inkingo ndetse no gukura amenyo. Twakira abantu bari hagati ya 40 na 70 kandi mbere twakiraga abari hagati ya 20 na 30 ku munsi.

Umuyobozi w’Akarere ka Nyamasheke wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y’Abaturage Mukankusi Athanasie avuga ko amavuriro y’ibanze ari ku rwego rwa kabiri yabafashije kwegereza ubuvuzi abaturage ariko ko ingengo y’imari niboneka n’uyu muhanda uzakorwa.

Iri vuriro ryadufashije guha abaturage serivisi z’ubuvuzi hafi cyane kandi abajya ku kigo nderabuzima baragabanyutse kubera ko serivisi ziyongereye kandi hamwe n’abafatanyabikorwa dufite gahunda yo kubaka izindi.”

Mu Karere ka Nyamasheke habarurwa amavuriro mato ari ku rwego rwa kabiri arindwi ariko hari indi nshya mu Murenge wa Gihombo igiye gutangira vuba.





# Nyagatare: Bafunguriwe amasoko y’amatungo yari yarafunzwe kubera icyorezo



Ihene na zo ziri mu zakomorewe zongera gusubizwa ku masoko

HITIMANA Servand

***Abaturage b’Akarere ka Nyagatare bavuga ko banejejwe no kuba amasoko y’amatungo yongeye gufungurwa nyuma y’igihe kigera ku mezi asaga abiri afunzwe kubera indwara y’ubuganga yahagaragaye ikaba yibasira ubuzima bw’amatungo ndetse n’ubw’abantu.***

Ku munsi wa mbere w’isoko ryaremeye ahitwa Nshuri mu Murenge wa Tabagwe, abaturage bitabiriye ku bwinshi barimo abazanye amatungo yiganjemo inka ndetse n’abazanwe no kuyagura.

Abaganiriye na Imvaho Nshya bavuze ko bishimiye kuba indwara y’ubuganga yararwanyijwe bakava mu kato ubu amasoko akaba yongeye gufungurwa.

Rwakibibi Amon yagize ati: “Turanezerewe cyane kuba twongeye kuza mu isoko. Twari twarakomwe mu nkokora n’ubuganga aho abajyaga bitega ifaranga ku matungo boroye byari byaraduteye ubukene. Ikindi ni uko ibikomera (amasoko) bifunguwe mu gihe abana basubira mu mashuri kuko twari dufite ikibazo cy’uko tuzabona amafaranga batwara; ubu rero kuri twe byakemutse.”



Bishimiye ko amasoko y’amatungo yakomorewe

Rwakibibi akomeza avuga ko gufungwa kw’amasoko y’amatungo byari byarabagizeho ingaruka zo kutabona amafaranga bakomora ku matungo borora.

Rutagarama Emmy na we avuga ko yaje kugura inka yari amaze igihe ateganya kugura ariko yarazitiwe n’ingamba zari zarashyizweho.

Ati: “Naje kugura inka kandi nanayibonye. Nishimiye ko ubu bucuruzi bw’inka bwafunguwe kuko nk’ubu amafaranga nari nateganyirije iki gikorwa nari nyagerereje nyakoresha ibindi. Nifuzaga inka norora nkabona ifumbire ndetse ikanakamirwa umuryango wanjye. Turashima imbaraga ubuyobozi bwashyize mu guhangana n’icyorezo cyari cyatujemo ubu ubuzima mu bworozi bukaba bwongeye gusbira ku murongo.”

**Abakunzi b’inyama na bo bakiranye inkuru ubwuzu bwinshi**

Abaguzi b’inyama na bo bavuga ko icyorezo cy’ubuganga cyatumye batongera kubona aho bakura inyama z’inka n’izihene zo kurya.

Mutayomba Simeon yagize ati: “Twabuze inyama pe! Twarazibuze mu ngo zacu kuko ntaho kuzigurira mu bazicuruzaga, tuzibura no maresitora. Udashoboye kwigondera inkoko akaba atarya ‘akabenzi’ (inyama y’ingurube) uwo yariyakiriye. Ubu turashima ko byafunguwe nubwo zihenze ariko nibura ubishoboye akabona aho azigurira.”

Ku ruhande rw’abacuruza inyama, bavuga ko uretse kuba bao barazibuze nk’abazirya ngo bo byanabateye kubura amafaranga kuko akazi kabo kamaze igihe karahagaze, bakaba bishimira ko ubu bongeye gukora.

Akimana Dathive agira ati: “Twe twahombye kabiri. Twahombye nk’ababuze aho dukura inyama zo kurya, ariko tunahomba mu buryo bw’ubucuruzi kuko akazi kacu kahagaze. Inyama z’inka ubundi ni zo zigurwa cyane n’abaturage. Iyo zitakiboneka rero kuvuga ngo uzacuruza iz’inkoko ntabwo bivamo. Gusa kuko twari tuzi ko biri mu nyungu z’Igihugu buri wese yubahirije amabwiriza kugeza tubisohotsemo.”

Akomeza agaragaza uburyo banyuzwe no kumva ko ubucuruzi bw’amatungo bwongeye gukomorerwa akazi kabo kakaba kagiye kongera kugenda neza.

Ubuyobozi bw’Akarere ka Nyagatare busaba abaturage kwishimira kuba amasoko y’amatungo yongeye gufungurwa, bunabibutsa guhora bari maso no kurushaho kwimakaza ubufatanye mu gukumira ibyorezo bikoma mu nkokora ubworozi butekanye.

Umuyobozi wungirije w’Akarere ka Nyagatare ushinzwe Iterambere ry’Ubukungu, Matsiko Gonzague agira ati: “Turashimira ko abaturage bacu twajyanye mu bikorwa byo guhangana n’ubuganga. Kuba rero amasoko yongeye gufungura ni ibisubizo ku baturage bacu ndetse no ku buyobozi. Icyo dusaba abaturage ni ukwibuka ibihe tuvuyemo ntibirare bagakumumira ko hari uwaba icyuho cyo kugaruka kw’icyorezo tumaze iminsi turwana na cyo.”

Gufungwa kw’amasoko y’amatungo kwashyizweho nk’ingamba zari zigamije guhangana n’indwara y’ubuganga. Ku wa 26 Kamena 2026, Ikigo cy’Igihugu gishinzwe Iterambere ry’Ubuhinzi n’Ubworozi (RAB) cyashyize mu kato inka, ihene n’intama mu Turere dutandatu turimo Rwamagana, Kayonza, Kirehe, Gicumbi, Rulindo na Burera, nyuma y’uko ibizamini bya laboratwari bigaragaje ko iyo ndwara yari iri mu matungo, ahaje kwiyongeraho n’utundi turimo na Nyagatare.

Imvaho Nshya Imyidagaduro

# Uko ibyamamare byaserutse mu muhango wo Kwita Izina



Ashton Small (Kagarara) yari mu bitabiriye umuhango wo kwita izina abana b'ingagi



Umuramyi Israel Mbonyi yise umwana w'ingagi Impeta

MUTETERAZINA Shifah

***Kwita Izina abana b'ingagi ni ibirori ngarukamwaka bifite umuzi mu muco nyarwanda, bigamije kurushaho kubunga bunga urusobe rw'ibinyabuzima hatezwa imbere ubukerarugendo.***

Kwita Izina bifite aho bihurira no guha izina umwana umaze kuvuka, umuryango n'inshuti bakamwishimira kandi bakamwifuriza ejo hazaza heza. Uyu muhango kandi ugaragaza ubusabane, agaciro k'ubuzima bushya no kubungabunga ibidukikije, bityo ugahuza umuco w'u Rwanda no kurengera ingagi.

Byashimangiwe n'ijambo Minisitiri w'Intebe yagejeje ku bitabiriye mu izina rya Perezida Paul Kagame, aho yagize ati: "Amazina duha abana b'ingagi muri uyu muhango ngarukamwaka agaragaza icyifuzo cyacu cy'uko bazakura batekanye, bagakomeza kororoka no kubaho neza. Icyo cyifuzo ni cyo cyahuje Abanyarwanda n'inshuti z'u Rwanda mwabonye, zaturutse hirya no hino ku Isi."

Ibyamamare byahatambukanye umucyo

Abatanduanye mu byamamare barimo The Ben, Kivumbi, Ariel Wayz, Juno Kizigenza, Bwiza, Riderman, Chriss Eazy, Kenny Sol na Senderi bataramiye abitabiriye Ibirori byo Kwita Izina abana 22 b'Ingagi. Hakinnwe umukino wateguwe na Malaika afatanyije na Masamara, wagaragayemo abahanzi batandukanye baririmba bavuga amazina baje kwita abana b'ingagi kandi bivuga ibigwi.

Muri uwo mukino hatangira Bushali avuga ati: "Uyu mwana ndamwita Rugwiro, hashimwe nyina, abahungu ducinye umudiho."

Teta Diana ati: "Ndi gati gateye ipasi agateta gateretse nk'umutako, umwana mwise intashyo agarure abana i Rwanda.

Yakiriwe na KennySol waserutse agira ati: "[…] Abanzi ngo umwambi uratinda, dore nanze ubugwari nkaba ishema ry'u Rwanda."

Marina Debora yaserutse yambaye amahembe mu mutwe agaragaza imbogo aseruka agira ati: "Ni njye ngabo ihinguranya, nkaba mutungurantambara ijwi ryanjye riragutuza i Rwanda."

Ni umukino warimo indirimbo n'injyana ibyinitse aho mu nyikirizo yahuriragamo abo bahanzi bose humvikanagamo umuco wa Kinyarwanda wo kwishimira umwana mu muryango. Bati: "Ayiiiii yeeeee! Ubu ibyishimo ni byose, turirimbe duhanike, umuryango wagutse."

Nyuma y'inyikirizo amajwi yose yatuje havuga ijwi rimwe gusa ryumvikanisha uburyo kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima byatumye ubwiza nyaburanga bushaho kwaguka no gutanga ibihe byiza ku muryango mugari w'Abanyarwanda.

Ati: "Uwo munsi wagushije imvura, ubutaka busoma amazi bushira inyota, indabwo zirarabya, natwe twizihirwa n'ubwiza nyaburanga bwa gakondo yacu."

Abahanzi batandukanye bagaragaye muri uwo mukino bari bambaye ibishushanya utunyamaswa dutandukanye harimo ibinyugungugu, imbogo, ibimera bitandukanye n'ibindi byose ari na ko bijyana n'ingoma, amashyi byo mu mbyino gakondo y'u Rwanda."

Basoje umukino batanga umukoro w'uko buri wese akwiye kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima mu rwego rwo kurinda ubwiza nyaburanga bw'Igihugu. Ati: "Dukeneye gufatanyiriza hamwe tugatanga isezerano ry'uko tuzarinda ibyacu iteka tukazasiga Isi ari nziza kurusha uko twayisanze."



The Ben ari mu bitabiriye ibirori byo Kwita izina abana b'ingagi 22

Kwita Izina abana b'ingagi bifite aho bihurira n'umuco nyarwanda kuko bishingiye ku muco gakondo wo guha izina umwana umaze kuvuka, umuryango n'inshuti bakamwishimira kandi bakamwifuriza ejo hazaza heza. Uyu muhango kandi ugaragaza ubusabane, agaciro k'ubuzima bushya no kubungabunga ibidukikije, bityo ugahuza umuco w'u Rwanda no kurengera ingagi.

Muri rusange abana b'ingagi 438 bamaze kwitwa amazina mu myaka 20, mu gihe uyu munsi hiswe abagera kuri 22.



Umurishyo w'ingoma ntiwahatanzwe





# Rayon Sports yanganyije na Panthère Sportive du Nde muri CAF Confederation Cup



Rutahizamu Kameni Junior ni we wishyuye igitego cya Rayon Sports



Rayon Sports yakuye inota rimwe muri Cameroun imbere ya Panthère Sportive du Ndé

SHEMA Ivan

***Rayon Sports yaganyije na Panthère Sportive du Nde igitego 1-1 mu mukino ubanza w'ijonjora rya mbere rya CAF Confederation Cup wabereye kuri Ahmadou Ahijdjo Stadium ihereye Mujyi wa Yaoundé muri Cameroun, ku wa 4 Nzeri 2026.***

Panthère Sportive du Nde yari imbere y'abafana bayo ni yo yatangiye neza umukino bidatsinzemo igitego ku munota wa 14 yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Beo Batto ku ishoti rikomeye yatereye mu rubuga ku mupira yateye.

Nyuma yo gutsindwa igitego, Rayon Sports yinjiye mu mukino itangira gusatira ishaka icyo kwishyura ndetse mu minota itatu y'inyongera ku gice cya mbere, Iradukunda Elie Tatou yeteye Coup Franc, umunyezamu wa Panthère Sportive du Ndé, Nomo Onguene, akawukuramo usanga Gloire Ngongo Tambwe ashatse gusongamo uyu munyezamu awushyira muri koruneri itagize icyo itanga.

Igice cya mbere cyarangiye Panthère Sportive du Nde itsinze Rayon Sports igitego 1-0. Mu igice cya Kabiri, Rayon Sports yatangiranye impinduka Nisingizwe Christian asimburwa na Ibrahim Djigarey.

Izi mpinduka zafashije iyi kipe guhindura mu kibuga hagati aho Rayon Sports yari yarushijwe cyane, ndetse itangira kugera imbere y'izamu rya Panthère Sportive du Ndé no kubona koruneri nyinshi.

Ku munota wa 71 Rayon Sports yakoze impinduka ikura mu kibuga Atisso Kossivi Antonio Kodjo na Iradukunda Elie Tatou, ishyiramo Muhoza Daniel na Tuyizere Mubaraka.

Izi mpinduka zatanze umusaruro kuko Muhoza Daniel yahise atera ishoti rikomeye mu izamu ku munota wa 80, rikurwamo n'umunyezamu Onguene, ariko rutahizamu wa Gikundiro, Junior Kameni aba hafi asongamo, atsinda igitego cyo kwishyura.

Umukino warangiye amakipe yombi anganya igitego 1-1 mu mukino ubanza w'ijonjora rya mbere rya CAF Confederation Cup.

Umukino wo kwishyura uteganyijwe ku wa 12 Nzeri 2026, kuri Stade Amahoro guhera saa kumi n'ebyiri z'umugoroba zuzuye.

# Volleyball: U Rwanda rwasoje ku mwanya wa kane mu Gikombe cya Afurika cy'Abagore



Cameroun yatsinze u Rwanda amaseti 3-0

SHEMA Ivan

***Ikipe y'Igihugu y'u Rwanda y'Abagore muri Volleyball yabuze amahirwe yo kwegukana umudali w'Umuringa mu Gikombe cya Afurika, nyuma yo gutsindwa n'iya Cameroun amaseti 3-0. Uyu mukino wo guhatanira umwanya wa gatatu wabaye ku wa Gatanu, tariki 4 Nzeri 2026 i Nairobi Kenya.***

Ayo makipe yagiye gukina uyu mukino nyuma yo gutsindirwa muri ½, aho u Rwanda rwatsinzwe na Misiri, mu gihe Cameroun yatsinzwe na Kenya.

U Rwanda rwatangiye nabi umukino rutsindwa amanota menshi, iseti ya mbere yarangiye na Cameroun yatsinze amanota 25 kuri 17 y'u Rwanda.

Iyi kipe yakomeje gukina neza irusha cyane u Rwanda rwagaragaza imbaraga nke mu mikinire yarwo itsinda iseti ya kabiri n'iya gatatu mu buryo bworoshye, aho iya kabiri yari 25-16 mu gihe iya gatatu yayitsinze ku manota 25 kuri 19 y'u Rwanda.

Umukino warangiye Cameroun yatsinze u Rwanda amaseti 3-0 (25-17, 25-16, 25-19) yegukana umudali wa Bronze mu gikombe cya Afurika cya 2026.

Gutsindwa uyu mukino byatumye u Rwanda rusoza ku mwanya wa kane, runanirwa gukora amateka yo kubona itike yo kujya mu Gikombe cy'Isi cya 2027, ndetse no gukina Imikino ya Olempike izabera mu Mujyi wa Los Angeles muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu 2028.

Ni inshuro ya Kabiri yikurikiranya Cameroun yegukanye umudali w'Umuringa itsinze u Rwanda, dore ko byaherukaga mu 2023, icyo gihe irushanwa ryari ryabereye iwabo mu mujyi wa Yaoundé.

Uyu mwaka, Ikipe y'Igihugu yageze mu makipe ane meza nyuma yo kwitwara neza mu mikino y'amatsinda, aho yasoreje ku mwanya wa mbere mu Itsinda D yarimo na Algeria, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo n'u Burundi.

Mu mikino y'amatsinda, u Rwanda rwatangiye rutsinda Algeria amaseti 3-0, rukomereza ku ntsinzi y'u Burundi na yo y'amaseti 3-0, mbere yo gutsinda RDC amaseti 3-0. Misiri yegukanye Igikombe cya Afurika nyuma yo gutsinda Kenya amaseti 3-0 (25–22, 25–15, 25–15).



U Rwanda rwasoreje ku mwanya wa kane mu Gikombe cya Afurika nyuma yo kuwusorezaho mu 2023

Imvaho Nshya
# Siporo



Nº. E-72 TARIKI 1-7 NZERI 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Tadej Pogačar ntazongera gusiganwa uyu mwaka



**Tadej Pogačar ntazongera gusiganwa muri uyu mwaka kubera impanuka ikomeye yakoze**

**SHEMA Ivan**

***Nimero ya mbere ku Isi mu mukino wo gusiganwa ku magare, Tadej Pogačar hamwe n'ikipe ye y'abaganga, bafashe umwanzuro w'uko nta rindi siganwa azitabira muri uyu mwaka, ahubwo agomba kwiyitaho agakira neza nyuma yo gukora impanuka ikomeye ari mu isiganwa rya Vuelta a España.***

Ku wa 29 Kanama 2026 ni bwo hakinwe agace ka munani mu isiganwa rya La Vuelta ribera muri Espagne, abakinnyi basiganwe mu muhanda uva Puçol berekeza Xeraco.

Habura ibilometero 30, mu muhanda habereyemo impanuka ikomeye yatumye uyu mukinnyi wa mbere ku Isi mu gusiganwa ku magare agira ibikomere byinshi ku rutugu, ndetse ababara cyane ku buryo bitari gukunda ko akomeza isiganwa.

Ku wa Gatandatu, tariki ya 5 Nzeri 2026, ikipe ye y'abaganga yatangaje ko bafashe umwanzuro ko uyu mukinnyi nta rindi siganwa azitabira uyu mwaka mu rwego rwo kumufasha gukira neza.

Yagize ati: "Tadej arimo gukira neza nyuma yo kubagwa, kandi twishimiye cyane uko ubuzima bwe bukomeje kumera neza kugeza ubu. Icyakora bitewe n'ubwoko bw'imvune yagize harimo gukomereka ku mutwe, kuvunika igufwa ryo mu ijosi ndetse no kuvunika igufwa rihuza igitugu n'igituza aho igice cyaryo cyasohotse hanze, twafashe umwanzuro hamwe na Tadej ko atazongera

gusubira mu marushanwa muri uyu mwaka w'imikino."

Ku rundi ruhande ariko uyu Munya-Slovenia yongereye amasezerano y'imyaka ine akinira UAE Team Emirates-XRG kugeza mu 2032.

Ibi bivuze ko atazitabira Shampiyona y'Isi izabera i Montréal muri Canada, Shampiyona y'u Burayi na Il Lombardia ndetse aya masiganwa yose yari yegukanye mu 2025.

Uyu mukinnyi afite amateka mu yandi marushanwa nka Tour de France aheruka kwegukana ku nshuro ya gatanu (2020, 2021, 2024, 2025 na 2026).

# APR FC yatsinzwe na 'Les Aigles du Congo' muri 'CAF Champions League'

**SHEMA Ivan**

***APR FC yatsinzwe na Les Aigles de Congo igitego 1-0 mu mukino ubanza w'ijonjora ry'ibanze rya CAF Champions League wabereye kuri Stade Frédéric Kibasa Maliba i Lubumbashi, ku Cyumweru, tariki ya 6 Nzeri 2026.***

Ni umukino wakinwe nta bafana bari muri stade. APR FC yagiye gukinira muri iki gihugu yanga kubera kwirinda icyorezo cya Ebola. Iyi kipe y'Ingabo ntiyahiriwe n'uyu mukino kuko ku munota wa 45 Sozé Zemanga wa Les Aigles du Congo yatsinze igitego rukumbi cyatumye batakaza umukino.

Uretse gutakaza umukino, Ronald Ssekiganda ukina mu kibuga hagati muri iyi kipe y'Ingabo yeretswe ikarita itukura umukino warangiye, nyuma yo gushyamirana n'abasifuzi,



**Abakinnyi APR FC yabanje mu kibuga**

bivuze ko atazakina umukino wo kwishyura.

Umukino wo kwishyura uzabera i Kigali kuri Stade Amahoro, ku wa Gatanu tariki ya 11 Nzeri 2026, guhera saa cyenda.

Ikipe izakomeza hagati ya APR FC na Les Aigles du Congo izahura n'izakomeza hagati ya Zamalek SC yo mu Misiri na AS Port yo muri Djibouti, mu ijonjora rya kabiri rizakinwa mu Ukwakira 2026.



**APR FC yatsindiwe muri RDC mu mukino ubanza w'ijonjora rya mbere rya CAF Champions League**